# *Ubuhamya Mu Nyanja*

Mbere y'uko twunamisha imitwe yacu kubw'isengesho, ndashaka gusoma bimwe mu byanditswe by'Ijambo ry'Imana. Buri gihe nkunda gusoma Ijambo Ryayo, kuko amagambo yanjye azaneshwa, ni ay'umuntu, ariko Ijambo Ryayo ntirishobora kuneshwa. Kandi mwebwe mukurikirana inyandiko, n'ibindi, reka dusome muri Matayo igice cya 14, uyu mugoroba, duhereye ku murongo wa 22.

> *Uwo mwanya Yesu* ahata *abigishwa be ngo bikire mu bwato, babanze hakurya, amare gusezerera abantu.*
>
> *Amaze kubasezerera aragenda, azamuka umusozi wenyine ajya gusenga: kandi bwari . . . bugorobye ari yo wenyine.*
>
> *Ariko ubwato bugeze imuhengeri, buteraganwa n'umuraba, kuko umuyaga ubaturutse imbere.*
>
> *Nuko mu nkoko Yesu aza aho bari agendesha amaguru hejuru y'inyanja.*
>
> *Ariko abigishwa bamubonye agendesha amaguru hejuru y'inyanja, bahagarika umutima, batakishwa n'ubwoba bati: "Ni umuzimu;"*
>
> *Ariko uwo mwanya Yesu avugana na bo ati: "Nimuhumure ni jyewe, mwitinya."*

2 Mureke twunamishe imitwe yacu noneho kugira ngo dusenge. Mu gihe imitwe yacu n'imitima yacu yunamye imbere y'Imana, hari icyifuzo muri iyi nyubako, iri joro, ko mwifuza kumenyesha Imana, muzamuye ibiganza byanyu, maze mwibukwe mu isengesho? Uwiteka twitegereze, maze utugirire impuhwe.

3 Data wa twese wo mu Ijuru, tuje nonaha imbere Yawe, kubw'inzira n'Izina ry'Umwami Yesu. Tuzi neza ko yadusezeranyije ko, dufite icyizere cy'umugisha, niba twifuzaga "gusaba ikintu icyo ari cyo cyose" mu Izina Rye, ko uzakiduha. Turabigushimira cyane. Nta magambo yashobora gusobanura uko tubyumva, ariko twizeye ko utwumva ubungubu.

4 Wabonye ibyo biganza, Mwami. Uzi icyo bari bakeneye. Uri Imana izi byose, ishobora byose, itagira iherezo, kandi tuzi ko Uzi imitima y'abantu. Wari uzi ibitekerezo byacu. Ndetse mbere y'uko turemwa, Wari uzi igitekerezo cyose twashoboraga kugira, kuko utagira iherezo.

5 Kandi turasenga, Mwami, muri iki gihe, ubwo ibyifuzo byacu birimo kukugeraho, witegereze hasi uri mu Ijuru, Mwami, kandi emera kwakira ibyifuzo byacu mu mutima wawe, Mwami, kandi udusubize ukurikije ubutunzi Bwawe buri mu Bwiza. Uduhe

icyifuzo cy'umutima wacu, twizeye ko ari ubushake Bwawe. Kandi tuzi ko Wishimira gukora ubushake Bwawe.

6 Duhe imbaraga nyinshi zo kuba imbere y'amaso Yawe, muri iri joro, Mwami. Kiza abarwayi. Kiza abazimiye, zura abapfiriye mu byaha no mu buyobe, kandi ubageze mu bugingo bushya, muri uyu mugoroba. Reka turebe Yesu. Tubisabye mw'Izina Rye. Amina.

7 Mushobora kwicara. Tubabajwe nuko nta bushobozi dufite bwo kwakira no kwicaza umubare munini w'abantu. Ariko, kuva mu ijoro rya mbere, bavuga ko byabaye ngombwa ko basubizayo imbaga y'abantu, bityo dusabye imbabazi kubw'ibyo. Kandi Mwene Data Grant nta kindi cyumba arubaka, kugira ngo... Ndizera ko ibumoso ari ho azagurira iki cyumba. Uyu munsi mwene Data w'umugwaneza kandi w'agaciro yambajije niba iki nakigira igikorwa ngarukamwaka, cyo gusubira i Dallas, mu rusengero rwe. Ubutumire bwiza nk'ubwo, muri iki gihe, igihe imiryango irimo ifungwa vuba cyane, hanyuma umuntu agashaka ko ngaruka nkabigira ikintu cya buri mwaka, igikorwa. Ndabyishimiye.

8 Nagiranye na bo umwanya w'ubusabane muri iki gitondo, hamwe na mwene Data Gordon Lindsay n'abandi benshi muri bo. Mwene Data Pearry Green, umuterankunga w'amateraniro ari imbere i Beaumont, yicaye inyuma yanjye hano muri iri joro. Kandi benshi, inshuti zacu, Mwene Data Don n'umugore we. Twishimiye cyane kubagira hano. Uwiteka abahe umugisha.

9 Noneho, iri joro, na...Nagerageje koroshya Ubutumwa bwanjye uko bishoboka kose, ku buryo n'umwana yashobora kubusobanukirwa.

10 Ejo nyuma ya saa sita ni umurimo w'ivugabutumwa, kandi ndashaka ko mwese muzitabira.

11 Noneho niba mufite amateraniro mu itorero ryanyu, kuki, mu—mugume aho muri—aho mubarizwa. Ntidushaka ko hagira umuntu uva mu itorero rye, kugira ngo... Hanyuma niba urwaye ukaba ushaka kuza gusengerwa, kandi itorero ryawe rikaba rifite amateraniro ejo nyuma ya saa sita, uvugane n'umushumba wawe kuri ibyo, kugira ngo atazatekereza nabi, ibyo murabizi. Umubwire ko turi hano mu bufatanye, mu gu—gufasha Umubiri wose wa Yesu Kristo uri mu busuhuke hano i Dallas n'ahandi hose.

12 Rero, ejo nyuma ya saa sita, ndatekereza, nka saa munani n'igice, nzavuga Ubutumwa bw'ivanjiri. Kandi noneho tuzasengera abarwayi bose, tuzafata amakarita yose y'amasengesho n'ibindi byasigaye mu cyumweru cyose, hanyuma byose ejo tubisengere.

13 Noneho ingingo yanjye iri joro imeze nk'ikinamico ngufi, mu kanya gato gusa. Kandi ngiye kugerageza kwinjira muri iri joro uko nshoboye kose, mu gusengera abarwayi. Inyandiko yanjye ni:

"mwitinya, ni Njyewe," Yesu ni ko avuga. Umutwe w'ikibwiriza cyanjye ni: *Ubuhamya Mu Nyanja*.

14 Bigomba kuba byari ahagana ku gicamunsi, izuba rishobora kuba ryari riri kurenga igihe ibi byabaga, kandi noneho, hashobora kuba hari hashyushye nk'uko bimeze hano.

15 Icyuma gikonjesha kiri hanze, kandi barimo kugikoraho. Ni yo mpamvu nahinduye ingingo yanjye uhereye kubyo nari ngiye kuvugaho, bityo nashoboraga kwihuta, kugira ngo muticara mu bushyuhe nk'ubu.

16 Uyu murobyi ukomeye, nyuma yo kubona ibyo yari yiriwemo umunsi wose, yitegereza Yesu mu murimo we ukomeye.

17 Nari kwishimira kubaho muri iyo minsi, nkamukurikira. Ariko, murabizi, nshimishijwe no kugira amahirwe yo gukora nk'ibyo, Nkamubona agira icyo akora. Kandi ni byiza kumubona uyu munsi kurusha uko byari bimeze icyo gihe. Mfite ukwizera kwinshi muri We ubu, kandi nshobora kugira ukwizera kwinshi ubu kuruta uko nashoboraga kugira icyo gihe, kubera ko twagize imyaka ibihumbi bibiri byo kwerekana ko Ubutumwa bwiza ari ukuri. Kandi nyuma y'imyaka ibihumbi bibiri, aracyari muzima, akora nk'uko yakoze icyo gihe, bityo ubu dufite icyizere gikomeye n'urufatiro rwo kwizera kuruta ibyo bari bafite icyo gihe.

18 Kuko, Yari Umuntu ugendagenda avuga ko—ko yatumwe n'Imana kandi ko Ari Umwana w'Imana, kandi ko Imana yari irimo guhamya Ijambo ryayo ryasezeranijwe ry'icyo gihe, binyuze kuri We, kandi bari bafite impamvu nke zo kubishidikanyaho. Niko byari bimereye abanyatewolojiya! Kandi murabona ko byari ibintu biteye agahinda, byari biteye agahinda cyane, kuko abo bahanga mu bya tewolojiya bari kubyizera iyo Imana itaba yarabahumye amaso. Bibiliya irabivuga.

19 Kandi mwari muzi ko yasezeranye ko Izabahuma amaso muri iyi minsi, kugirango batazabibona? Bazaba ari "ibyigenge, bikakaza, bakunda ibinezeza kurusha gukunda Imana, batuzura, babeshyerana, batirinda, badakunda ibyiza; bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana Imbaraga zako." Rya sezerano rimwe ryongeye gutangwa kimwe. Kandi ntushobora kubura kugirira impuhwe abantu, kandi amaso yabo arahumye kugeza n'uyu munsi. Hamwe n'Ibyanditswe Imana yasezeranyije ko bizasohora muri iki gihe, muri iki gihe, kandi turimo kubibona neza no kubyitegereza. Hanyuma abantu bakareba, maze bakazunguza umutwe bakagenda, bavuga bati: "Simbibona." Ni ikintu kibabaje, ariko nyamara Ibyanditswe bigomba gusohora. Bigomba kuba gutyo.

20 Rero aba bigishwa bari baratoranijwe n'Imana. Mwabonye, Yesu yababwiye ko: "Mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro," Yabatoranyije, kandi bari urubyaro rw'Imana rwashyizweho.

Niyo mpamvu igihe ibibazo byavukaga, kandi abantu bagasa nk'aho bajyanye Yesu mu mfuruka, bakamugiraho ikibazo, bo nta kibazo bagiraga. Ntibashoboraga kubisobanukirwa, ariko bari biyemeje kutagira ikindi bamenya uretse We. "Ni wowe wenyine ufite Ijambo ry'ubugingo." Kandi bari biyemeje kugumana na Ryo, kuko bari baratoranyirijwe uwo mwanya.

21 Kandi ni ko bimeze no muri iki gihe, abagabo n'abagore bateguriwe Ubugingo bw'Iteka, bazasanga Ubugingo bw'Iteka. "Abo Data yampaye bose bazaza aho Ndi." Iryo ni Ijambo Rye, kandi ibyo ntibishobora kuneshwa. Ni—ni Ijambo ry'Imana.

22 Kandi ubu tubona aba bigishwa, bari bafite amateraniro akomeye kuri uwo munsi, hanze mu mpinga ndende ku nkengero z'umusozi. Kandi Yesu yari yababwiye ati: "Noneho mwambuke inyanja, mumbanzirize hakurya." Kandi Yari agiye kuzamuka ku umusozi, wenyine, agiye gusenga. Nuko aba bigishwa, nyuma yo guhura n'inshuti, nshobora gutekereza uko biyumvaga.

23 Kubera ko, guhura n'inshuti, kandi hanyuma ugutandukana na zo; mu gihe mutangiye kwiyumvanamo, maze bikaba ngombwa ko musezeranaho. Kandi ibyo byabaye ikintu kintera agahinda, mu gihugu hose, ku isi yose, nagiye mpura n'inshuti hanyuma nkazisiga, muzi ko hari benshi mutazongera kubona kugeza igihe muzahurira nabo ku munsi w'Urubanza. Ni ikintu kibabaje cyane.

24 Nshobora gutekereza ubwato, hamwe na—n'igitsika cyabwo gisunikiwe ku nkombe. Kandi ashobora kuba ari Simoni Petero, uwari ufite amaboko n'ibitugu bikomeye, wasunitse ubwato akabwerekeza mu nyanja. Kandi bose basezeraga ku bari ku nkombe. Kandi bari barimo basakuza cyane bati: "Muzagaruke kandi muzazane n'Umwigisha aturebeho! Kandi muzagaruke mugire ubundi bubyutse; uyu munsi twahawe umugisha cyane!" N'inshuti nshya zibapepera. Maze arazamuka asanga abandi bigishwa, nuko yicara iruhande rw'umuvandimwe we, Andereya, maze afata ingashya.

25 U—Ubwato icyo gihe bwayoborwaga n'umuyaga cyangwa n'ingashya bagashyaga. Hanyuma wenda bicaraga babiri mu bwato, babiri ku ruhande, kandi ba . . . cyangwa ahubwo, babiri babiri, bafite nk'imyanya itandatu cyangwa umunani. Babusunikaga ku gihe, kandi muri ubwo buryo bashoboraga gufata ubwato mu mugongo wabwo igihe inkubi y'umuyaga yabaga irimo gukubita. Hanyuma, igihe imiyaga yabaga ihuha nk'ibisanzwe, bashoboraga kuzamura ibitambaro by'ubwato, maze bakagenda.

26 Kigomba kuba cyari igicamunsi cy'ubushyuhe bwinshi, ukurikije uko Ibyanditswe bibigaragaza mbere gato y'iki gikorwa, kandi noneho bigomba kuba byari igicamunsi cyuzuye ituze, izuba ryinshi, kandi n'icyokere cyinshi. Izuba ryari riri kurenga. Kandi bo, ubwo bagashyaga, batangiye kugenda

basezera abantu, “Twizeye ko tuzongera kubonana rimwe igihe runaka,” mu gihe bikiraga mu nyanja. Maze izuba rarenga, haza kiberinka, hanyuma nyuma y’igihe gito i—igicuku kirabudika.

27 Kandi bagomba kuba barafashe umuvuduko mwiza cyane wo—wo gutobora, kandi ibyo ni akazi katoroshye iyo ayo mato manini aremereye yibira mu nyanja. Kandi abenshi muri bo bari—bari abarobyi, n’abagabo bakomeye b’intwari, bamenyereye inyanja. Rero uko ni ko bari biteguye ko Yesu yinjira mu bwato akabakurikira, vuba vuba. Kubera iki, bagezeyo, bagombaga guhagarara ku nkombe gato; uburyo bwo gutsura ubwato bwawe, hanyuma ukabureka bukagenda.

28 Wenda umusore ukiri muto Yohana agomba kuba ari we wa mbere watangiye kuvuga, ’kuko yari muto mu itsinda. Kandi bigomba kuba ari we wavuze ati: “Ndumva naniwe gato. Mureke duhagarare ku nkombe akanya gato. Mube muretse umunota umwe, ntabwo tugomba kwihuta. Ntabwo araza, bityo twategereza akanya gato maze tugafata akuka.”

29 Kandi ubwo yari yicaye ahongaho acuritse umutwe gato, agomba kuba yaratangije amateraniro y’ubuhamya. Kandi ibyo ni byo nshaka kuvugaho. Agomba kuba ari we wabanje bwa mbere, maze akavuga ati: “Bavandimwe, uko abantu bavuga kose, n’uko umuntu wese ashaka kutizera kose, Ndahamya rwose ko uyu munsi, tutarimo gukurikira imburamumaro. Nta kindi dusigaranye uretse Imana, kuko nta muntu n’umwe washoboraga gukora nk’ibyo Yakoze muri iyi minsi keretse ari Imana. Murabizi, igihe yafataga imigati akayimanyagura, maze akagaburira ba bantu ibihumbi bitanu bari aho ngaho, icyo ni cyo kintu gitangaje cyane kuri njye. Hashoboraga kuba hari ikibazo kugeza uyu munsi,” ubu ndimo gusubiramo ubuhamya Bwe nk’uko byari bimeze, “ariko ibyo byaragikemuye.”

30 Yaravuze ati: “Ndibuka mu myaka myinshi ishize. Nabaga hafi ya Yorodani. Kandi nshobora kwibuka, nkiri umwana muto, ukuntu mama wanjye mwiza w’Umuyahudi yakundaga kunjyana, nyuma ya saa sita, anteruye ku bibero bye ansimbiza hejuru, ku ibaraza, igihe indabyo za popi zari zitangiye kumera ku nkengero za Yorodani. Kandi yakundaga kureba hakurya mu butayu, aho abantu bacu bavanywe muri ubu butayu. Yakundaga kumbwira inkuru zo muri Bibiliya. Imwe mu nkuru nziza nibuka, ni umugore w’i Shunemu ubwo umuhungu we muto yapfaga, nuko—nuko umuhanuzi azura uyu mwana muto mu bapfuye. Iyo yari inkuru ishimishije cyane.

31 “Ariko imwe mu nkuru zishishikaje cyane, kandi mama yakundaga kumbwira, yaravugaga ati: ‘Noneho, Yohana we, uracyari umwana muto; ariko ndashaka ko uzibuka, uko uzagenda ukura, ko, Yehova ukomeye yavanye abantu bacu mu Misiri, maze tunyura muri ubwo butayu twambuka uruzi ahongaho. Kandi mu gihe cy’imyaka mirongo ine yose, bakoze

urugendo muri ubwo butayu, nta hantu bakura imyenda, nta n'aho bakura ibyo kurya. Nuko Imana ikamanura umugati uvuye mu ijuru, buri joro, ikagaburira abantu bacu muri ubwo butayu, kuko bari mu nshingano zabo, bakurikira Yehova ukomeye. Noneho, umunsi umwe, Yehova agiye kwambara umubiri hano kw'isi, mu ishusho y'Umuntu, Azitwa Uwasizwe, Mesiya.'

32 "Kandi ndibuka ko," yashoboraga kuvuga ati: "nk'umwana muto, ukuntu ubwenge bwanjye bw'umwana muto bwajyaga busobanukirwa, bugerageza kubisobanukirwa, 'Ni gute Imana yagaburiye abantu bose, miliyoni ebyiri n'igice muri ubwo butayu? Ni gute yabonye iyo migati yose?' Kandi nakundaga kubaza mama nti: 'Mama, Yara, ya—Yehova yari afite amafuru manini cyane mu kirere, yatekagamo imigati yose, maze akamanuka nijoro akayishyira ku—ku butaka, bakayiha abantu, kandi amajuru manini ya Yehova yuzuyemo amafuru?' Yaravugaga ati: 'Oya mwana wanjye, uracyari muto cyane ku buryo utabyumva. Murabona, Yehova ni Umuremyi. Ntakeneye amafuru. Aravuga gusa, kandi Ijambo Rye rirasohora iyo Arivuze. Ni Yehova ukomeye, kandi ni We wabivuze gusa. Maze Abamalayika bayikwirakwiza ku butaka, bakayiha abantu.'

33 "Kandi uyu munsi, ubwo namubonaga ahagaze aho, mwitegereje mu maso He? Nta gushidikanya yari afite mu bitekerezo Bye. Nazamutse inyuma y'urutare, ndamwitegereza ubwo Yafataga uwo mugati akawumanyura, akawuha... Abakozi Be, twebwe, kugira ngo tubigeze ku baturage. Kandi ubwo Yahinaga kugira ngo yongere amanyure, uwo mugati wongeye kuba wuzuye wose. Kandi yabikoze incuro amagana, kugeza ubwo abantu bose bakwirwa, maze haboneka ibitebo, byuzuye, birasaguka. Ndabizi ko ibyo bitashoboraga kuba ari undi utari Yehova, kuko Yitwaye nk'uko Yehova yabigenje. Yehova wenyine ashobora kurema. Kandi nzi ko uwo Mugabo atari balinga. Hariho Umuremyi umwe gusa, kandi uwo ni Yehova. Kandi ubu, mu bintu byose nabonye, ibyo byaranshimishije cyane.

34 "Ndashaka ko mumenya ubu ko umutima wanjye wamwiyeguriye rwose, kandi nemera rwose ko atari umuhanuzi gusa. Ni umuhanuzi, ariko Ni umuhanuzi urenze abahanuzi. Nta kindi kitari Yehova Imana ituye hagati yacu, kuko ari We waremye umugati, kandi Yari afite imico ya Yehova. Ntibitangaje kubona Yarashoboraga kuvuga ati: 'Niba ntakora imirimo ya Data, ntimunyizere; ariko niba Nkora imirimo ya Data, kandi Njye ntimubashe kunyizera, nimwemere imirimo, kuko ari yo impamya kandi ikagaragaza Uwo ndi We.' Byasaga nk'aho abantu bashoboraga kuba babibonye, biroroshye."

35 Kandi Yohana yashimishijwe n'uko ari We Mesiya, Uwo Yesaya yari yaravuzeho ngo: "Umwana w'Umuhungu yatuvukiye, kandi Izina Rye azitwa Umujyanama, Umwami w'Amahoro, Imana Ikomeye, Data wa twese Uhoraho." Kandi

Yohana yanyuzwe n'ibyo yabonye. Umusore ukiri muto atanga ubuhamya bwe.

36 Nk'icyo gihe, Simoni Petero yaravuze ati: "Ni byiza, noneho, umunota umwe gusa. Niba tugiye gutanga ubuhamya, ndashaka kugira icyo mvuga. Murabizi, nashidikanyaga cyane kuri iki kibazo cyose, ubwo Andereya murumuna wanjye, wari witabiriye ububyutse bwa Yohana umuhanuzi, wari warahamije ko Mesiya agiye kuza kandi ko ari we uzamwerekana. Kandi nari mfite amakenga ku byo Andereya yari arimo kumbwira, kuko numvise inkuru zinyuranye za Mesiya n'ibindi byose.

37 "Ariko mwese bakundwa muribuka papa wanjye wa kera. Yitwaga Yona. Kandi muramwibuka mwese, ukuntu yari umwizera ukomeye cyane. Uko nibuka mama na papa, natwe twese, ubwo twarobaga kugira ngo tubone ikidutunga, maze ntihagira amafi dufata; twari dukeneye umugati, kandi ukuntu twapfukamaga tugasenga Imana tugira tuti: 'Mana, duhe amafi uyu munsi, kugira ngo tubashe kugurisha amafi yacu, twishyure amadeni yacu, tubone ibyo kurya.' N'ukuntu twajyaga mu nyanja, mu muraba, tugatinyuka gu—guhangana n'iyo miraba.

38 "Kandi papa, ndabona umusatsi we w'imvi umanuka mu mugongo we, Umunsi umwe ubwo yari yicaye ku gisenge cy'ubwato maze arambwira ati: 'Simoni, uri umuhungu wanjye w'imfura. Urabizi, Simoni, nahoraga nizera, ko nzabona Mesiya. Abantu bacu bamutegereje kuva muri Edeni. Kandi tuzi neza ko Azaza, tutitaye ku gihe azamara. Ibyo bimaze imyaka ibihumbi bine, ni ko muvuga. Ariko nizera ko Mesiya azaza. Kandi buri Muyahudi yizeye ko azabona Mesiya mu gihe cye. Nizeye kumubona mu gihe cyanjye. Ariko bisa nkaho, ubu ndimo gusaza, ngomba guhagarika inyanja, no kwihanganira imiruho n'imibabaro yanjye, Birashoboka ko ntazamubona mu gihe cyanjye. Ariko wenda wowe uzamubona, mwana wanjye.

39 "'Kandi ndashaka kubahugura mu Byanditswe byera. Mwana wanjye, mbere y'uko Mesiya azuka mu ruhame, hazabaho ubwoko bwose bw'ibintu, ubwoko bwose bw'ibinyoma, kuko Satani azakora ibyo, kugira ngo asenye Umurimo wa Mesiya nyawe ubwo Azaza.'" Byari byahoze muri ubwo buryo; biracyari muri ubwo buryo.

40 Hanyuma, tubona ko, yavuze ati: "Ndibuka ko yandambitseho ukuboko kwe, aravuga ati: 'Mwana, hariho inzira imwe rukumbi ushobora kumenyeramo uwo Mesiya. Ubu tumaze imyaka amagana tudafite umuhanuzi n'umwe. Malaki yari umuhanuzi wacu wa nyuma. Ibyo byabaye hashize imyaka magana ane, tudafite umuhanuzi. Ariko mwibuke, Mose yaratubwiye, mu Byanditswe, ko, ubwo Mesiya azaza, Azaba ari umuhanuzi, ubwo Yavukiraga ku isi. Twebwe Abayahudi twigishijwe kwizera umuhanuzi. Kandi urugendo rwa Mesiya ku isi ni Ijambo ry'Imana ryavuzwe, iryo Yadusezeranyije. Kandi

Ijambo buri gihe riza ku muhanuzi, maze umuhanuzi akemeza iryo Jambo. Ntuzigere wibagirwa ibyo, mwana! Hashobora kubaho ibintu bikomeye byadutse, hashobora kubaho ishyaka rikomeye ndetse—ndetse n'ibindi bintu bikomeye. Ariko mwibuke, Mesiya azaba ari umuhanuzi, kuko tuzi ko Imana itajya ihindura inzira Zayo, kandi yavuze ko Mesiya azaba umuhanuzi. Wibuke rero mwana wanjye, abahanuzi ni abafite Ijambo ry'Uwiteka. Kandi ubwo Mesiya azaza, Azaba ari umuhanuzi.'

41 "Ndacyashobora kumva ukuboko kwe," Simoni Aravuga ati: "uko agukikiza kuri njye. Kandi Andereya yari ahagaze aho yoza urushundura, icyo gihe. Andereya, Urabyibuka?"

"Yego, Simoni, njye—njye ndabyibuka."

42 "Nuko Andereya agerageza kumbwira ko uyu Yohana yari umuhanuzi. Nari mfite ibindi bintu byo gukora, nagombaga kugurisha amafi n'ibindi. Rero data amaze imyaka myinshi apfuye, ariko nahoraga mbizirikana; papa yaravuze ati: 'Uyu Mesiya yari kumenyekana nk'umuhanuzi mu Byanditswe Byera, kandi ntimubyibagirwe, kuko ari Ijambo ry'Imana ryavuzwe. Kandi iryo Jambo buri gihe riza ku bahanuzi; ibyo byarabigaragaje, cyangwa byagaragaje ibyasezeranijwe mu bisekuruza.'"

43 Noneho Simoni, "Umunsi umwe," yaravuze, yaravuze ati: "urabizi, Andereya yansabye kujya mu materaniro. Maze ndamanuka njya mu materaniro aho uyu Musore, Yesu, yari ari. Kandi nari numvise ibihuha by'ubwoko bwose. Nguwo Yesu umwe arahagurutse, mbere Ye, uwo yasezeranije kuba ikintu gikomeye, yayoboye abantu magana ane maze bose barapfa, n'ibindi. Natekereje gusa ko ari umwe w'ubundi bwoko muri bo, bafite ishyaka rikomeye ry'ububyutse, cyangwa idini rikomeye bari bagiye gushinga. Ariko umunsi umwe natekereje ko nzajyana na Andereya hano, murumuna wanjye."

44 Nuko ndatekereza, ku byerekeye icyo gihe, ubwato bwatangiye ganyeganyega. Umuntu atangira gutaka, maze aravuga ati: "Icara! Ntutsike ubwato. Tegereza gato. Icara utuze."

45 Nuko aravuga ati: "Urabizi, igihe namanukaga nkareba mu maso He, bwa mbere, Yarandebye mu maso maze ambwira izina ryanjye. Ntabwo Yari yarigeze ambona mbere. Si njye yamenye gusa, ahubwo yari azi n'uwo papa wanjye w'umusaza wubahaga Imana, wari waranyigishije Ibyanditswe. Kandi nari nzi ko Uwo yari Mesiya. Ibyo byangiriye akamaro, ahongaho. Ni byo. Ibyo byatumye biba byiza kuri njye."

46 Agomba kuba ari Filipo wavuze ati: "Mbese nshobora kuvuga ijambo hano?" Noneho aravuga ati: "Mwene Data Natanayeli, kurikira neza ibyo; kuko, urabizi ko twize imizingo imyaka myinshi, icyo Mesiya azaba ari cyo. Ariko igihe

namubonaga akora ibyo, narahagurutse maze mfata inshuti yanjye, Natanayeli. Kandi ubwo yazaga . . . ”

Natanayeli aravuga ati: “Reka mbivuge. Reka mbivuge.”

47 Yoo, murabizi, hari ikintu kijyanye n’igihe Yesu yagukoreraga ikintu, wowe—ntushobora kugorwa no gukomeza guhagarara neza, ugomba kubivuga, wowe ubwawe. Si byo? Niba ari ikintu cy’ukuri, ugomba kukivuga. Igihe yanyuzuzaga Umwuka Wera, ndashaka kubivugaho. Ndashaka ko abantu babimenya. Si undi muntu ubivuga; ndashaka kubivugaho, njyewe ubwanjye.

48 Kandi ndatekereza gusa, Natanayeli yagize ibyishimo byinshi maze aravuga ati: “Murabizi, ndashaka kubivuga. Nari mfite amakenga gato kuri wowe, Filipo, igihe wavuganaga nanjye. Narakubajije nti: ‘Hari ikintu cyiza gishobora guturuka i Nazareti?’ Kandi wampaye igisubizo cyiza kurusha ibindi byose umuntu wese yigeze agira, uti: ‘Ngwino urebe.’” Ibyo ni ko bimeze uyu munsi. Ni byo. Ntukagume mu rugo ngo unenge. Ngwino wishakishirize, urebe. “Yaravuze ati: ‘Hari ikintu cyiza cyaturuka i Nazareti?’ Arabasubiza ati: ‘Ngwino wirebere.’ Kandi uzi ibyo wambwiye.

49 “Kandi ubwo namanukaga ngaca Imbere Ye, yambwiye ko ndi ‘u—u Umuheburayo, Umwisirayeli, kandi yari umuntu w’inyangamugayo,’ nari mbizi.

50 “Ariko naribajije nti: ‘Byashoboka bite se?’ Yasaga n’umuntu usanzwe. Nari niteze ko Mesiya azamanuka mu nzira z’izahabu avuye mu Ijuru, kugeza ku mutwe w’idini hano, i Yerusalemu, sohoka uvuge uti: ‘Kayifa, nahageze.’ Ariko basanga, yaturutse i Nazareti, akomoka mu muryango ukennye; kandi mu by’ukuri ni ubwoko bw’izina ridasobanutse bamukurikije, nko kuvuga ngo ‘umwana w’ikinyendaro.’ Ahangaha ni ho Yari ahagaze, yambaye imyenda isanzwe, atari nk’umupadiri cyangwa undi muntu; yari umuntu usanzwe gusa. Kandi naribwiye, ubwo nazamukaga aho nti: ‘Ni gute uwo yaba Mesiya? Yambaye umwenda umwe ushaje, yambaraga kuva akiri muto, kandi hano ni wo acyambaye; n’umusatsi we umanuka mu mugongo we. Kandi nk’umuntu usanzwe wo mu muhanda.’

51 “Nuko Andeba mu maso, maze aravuga ati: ‘Mbere y’uko Filipo aguhamagara, igihe wari munsi y’igiti, nakubonye.’ Ibyo byari bikemuye ikibazo. Namenye, nkurikije Ijambo ko, uwo yari Mesiya. Yari We.”

52 Kandi ubwato bugomba kuba bwarateraganwaga, kandi amateraniro yo gutanga ubuhamya yari arimbanyije. Mbega ibihe byiza bari bafite, bari mu nyanja hariya, bishimye cyane.

53 Andereya aravuga ati: “Ndashaka kuvuga ikintu cyambereye urujijo mu gihe gito. Muribuka igihe twa—twari tugiye i Yeriko? Yaravuze ati: ‘Tugomba kuzamuka; kuko ngomba kunyura i Samariya.’ Nuko, yagiye i Samariya ndetse

no mu mujyi wa Sikari, ubwo yatwoherezaga twese kugura ibyo kurya muri uwo mujyi."

54 "Yoo, yego, ndabyibuka, neza neza!" Bose, "Yego, yego!" Ubwato bwari bumeze nk'ubuteraganwa gusa, buri wese afite ubuhamya bwiza nyuma y'uko ububyutse burangiye. Rero bari bafite aya materaniro yo gutanga ubuhamya.

55 Nuko aravuga ati: "Yego, kandi muribuka ko twaguye hasi, kandi, twatunguwe no kubona Umwami wacu aganira n'indaya butwi. 'Yoo mbega,' twaratekereje tuti: 'Ibyo ni bibi. Murebe arimo kuganira n'uyu mugore ukiri muto. Nuko aratwirukana, kandi hano Ari hano kumwe n'uyu mugore w'umurwayi w'icyamamare wicaye hano.' Mwibuke ko twari duhagaze inyuma y'ibihuru, maze twumva ikiganiro cyabo.

56 "Twamwumvise avuga ati: 'Mugore, genda ushake umugabo wawe muze hano.'

57 "Maze turavuga tuti: 'Yego, dushobora kuba twaribeshye, wenda umugore yari yarashyingiwe byemewe n'amategeko.'

58 "Nuko aramureba, aravuga ati: 'Mugenzi, nta mugabo mfite.'

59 "Muribuka ukuntu imitima yacu yadihaguje? Mesiya wacu ukomeye twari twiringiye, hano yafatiwe mu kinyoma, akubitwa n'umuriro, kuko yavuze ati: 'Genda uzane umugabo wawe,' kandi yari yaramwiboneye ubwe ko nta mugabo yari afite. Noneho byamugizeho ingaruka. Uribuka ukuntu twese twasaga n'abatunguwe, umwuka ukatuvamo?"

"Ni byo, ndabyibuka."

60 "Noneho muribuka amagambo yakurikiyeho? Aravuga ati: 'Wavuze ukuri, kuko wari ufite batanu, kandi uwo mubana ubu nawe ntabwo ari uwawe.' Yoo, muribuka iteraniro ry'ubuhamya inyuma y'ishyamba? Yewe!" Murabona, ntushobora kumuhagarika. Ni Imana. "Yewe," Simoni yaravuze ati: "ibyo gusa . . . " Andereya yaravuze ati: "Ibyo byabayeho ku bwanjye."

61 Barutolomayo aravuga ati: "Mutegereze gato, ndashaka gutanga ubuhamya. Ese nshobora kubikora bavandimwe?"

62 "Yego, ndakeka ko ushobora, dufite umwanya uhagije. Ntabwo araza, rero tuzakora udupira duke gusa. Barakomeza, Barutolomayo, ngaho tanga ubuhamya."

63 "Ni byiza, kimwe mu bintu bikomeye kuri njye, muribuka mushiki wacu hepfo ya Yeriko, witwa Rebeka?"

"Yego."

"Kandi umugabo we ayobora resitora hariya hepfo."

"Yoo-mbega."

64 "Kandi—kandi yari umucuruzi, kandi yitwaga Zakayo."

"Yego, yego, ndamwibuka neza."

65 "Muribuka, yari—yari umwe muri bashiki bacu. Yari yizeye Umwami, kandi yari afite ubwoba bwinshi ko Zakayo yareka byose bikamushiraho atakiriye Yesu. Na, yewe, Zakayo yari inshuti nziza cyane y'umutambyi aho ngaho. Nuko arasenga ngo hagire ikintu kibaho kugira ngo amaso ye afunguke, kandi yari azi ko uyu ari Umwigisha, iri ryari Ijambo ryemejwe ry'Imana, ryahindutse umubiri hagati yacu. Kandi twagerageje kumubwira. . .kumubwira ukuntu Yesu w'i Nazareti yari azi amabanga y'umutima, yerekana ko Yari Ijambo, kuko Ijambo rimenya ibitekerezo biri mu mutima.

66 "'Ibyo ntacyo bivuze,' yaravuze ati: 'Nizera umutambyi. Ibyo umutambyi avuga ni byiza birahagije kuri njye.' Kubera ko yari umwe mu batanga a—amategeko y'umujyi, Abakiwani n'ibindi byose, murabizi, bityo we . . . byari bigoye cyane kuri we kubireka. Rero Rebeka yari yadusabye twese gusenga—gusenga. Kandi igihe cyose twajyaga tuvuga ku ngingo ivuga ko yari umuhanuzi, yaravugaga ati: 'Ntacyo bivuze! Umupadiri aravuga ati: "Ni Belizebuli. Ni dayimoni. Abikoreshwa n'imbaraga za satani. Kandi ni umuntu ukunda kureba mu mutwe gusa. Ibyo ni byo byonyine. Nta kintu na kimwe kirimo." Nta kintu nk'icyo kiriho muri iki gihe; ntabwo twigeze tugira abahanuzi mu myaka maganabiri ishize. Ni gute uriya Musore, udafite n'ikarita y'ubusabane, ni gute Ashobora kuba umuhanuzi? Yoo, nta buryo Yari kuba ari ikintu nk'icyo!'

67 "Ariko, murabizi, Rebeka yakomeje kumunambaho, umugore we, maze arasenga. Umunsi umwe mu gitondo ubwo Yesu yamanukaga mu mujyi, nuko, dusanga Rebeka atubwira ko Zakayo yari yagiye mu—mu muhanda, kugira ngo amubone. Ntabwo rero yizeraga ko Yari umuhanuzi, nuko aravuga ati: 'Nzamwitegereza gusa,' uburyo yaduhamirije muri resitora umunsi umwe ubwo twari turimo kurya. Nuko yurira igiti cy'umukuyu, maze aravuga ati: 'Urabizi, nzahita niyoberanya hano kugira ngo atazabasha kumbona. Ndi umuntu muto, uko byagenda kose, mugufi cyane. Kandi sinshobora kumubona We ahongaho, mu bantu benshi, ndaza kumurebera hano mu giti.' Kandi yageze aho a—amashami abiri ahurira, nuko arahicara, hagati y'ayo mashami."

68 Aho ni ahantu heza ho kwicara no kubyigaho. Aho ni ho inzira ebyiri zihurira, izawe n'iz'Imana; ibitekerezo byawe. Icyo ni ikintu cyiza, kubitekerezaho.

69 "Nuko aravuga ati: 'Murabizi, Agomba kuba yari umuhanuzi. Yashoboraga kuba yari we. Birashoboka ko nshobora kuba nari nibeshye. Rero hari icyo nzababwira, nzamureba neza; kandi ntazamenya. Rero ndaza gufata amababi yose nyakurure nka gutya, nyitwikire, kandi ndaza kwiyoberanya kugira ngo atambona na gato. Kandi njyewe ndaza kumwitegereza We nagera hafi yanjye. Kandi niba Adasa nk'umuntu nyawe, Ndaza kumuha agace k'ubwenge bwanjye,

nicaye hano muri iki giti.' Nuko yaritegereje, kandi yari yitwikiriye ibibabi kugira ngo ashobore guhaguruka amubone nagera hafi y'inguni.

70 "Nuko ageze hafi y'inguni, amanuka mu muhanda, murabizi, areba impande zose, abigishwa baravuga bati: 'Hagarara ku ruhande. Mumbabarire.' N'abantu bafite abana barwaye n'ibindi bintu. 'Mumbabarire, Umwigisha arananiwe cyane; kubera ya serivisi nziza cyane yo mw'ijoro ryahise.' Kandi, nk'umugabo usobanutse, 'Ese mwahagarara ku ruhande mukamureka, mu gihe Ari mu nzira Ye imanuka yerekeza mu mujyi, none se mwahagarara ku ruhande?' Na Zakayo yari yicaye hano mu giti, amureba hasi.

71 "Yesu aza neza munsi y'igiti, yicara hasi, aravuga ati: 'Zakayo we, manuka uveyo. Uyu munsi turajyana iwawe, dusangire ifunguro rya nimugoroba.' Ibyo byakemuye ikibazo. Yari azi ko ahagaze aho, kandi yari azi izina rye, icyo yari cyo. Byakemuye ikibazo. Uwo ni Mesiya, kuri njye. Yego, mugenzi. Kubera ko, tuzi ko Mesiya yagombaga kubikora. Rwose. Bityo yagombaga gutahana na we, aravuga, uwo munsi kugira ngo basangire. Mbega igihe cyiza cyane! Turabyibuka."

72 Murabizi, bigomba kuba byari muri icyo gihe, amateraniro y'ubuhamya yari arimo kuba. Murabizi, aba bigishwa bari ahongaho mu nyanja, batanga ubuhamya, bigomba kuba byari mu mwijima w'ijoro ahantu runaka, hejuru mu majyaruguru y'igihugu, aho Satani agomba kuba yarazamutse hejuru y'umusozi akareba hasi. Yarebye muri iyo nama y'ubuhamya, maze asanga baragiye batari kumwe na We. Ni ho hari amahirwe ye.

73 Murabona, ndatekereza ko icyo gice cyongeye kugaruka, cyisubiramo. Bari bafite, ishyaka ry'ububyutse, bari bagiye batari kumwe na We. Kandi ndizera ko ibyo byatubayeho bihagije uyu munsi, ko, ari muri iki gihe cy'urujijo, na nyuma y'ubu bubyutse bukomeye twabonye. Byakwirakwiriye isi yose. Buri gihugu cyashyizeho imiriro y'ububyutse, kandi iratwika; amateraniro akomeye yo gukiza abarwayi; abantu bakira Umwuka Wera, mu bihumbi n'ibihumbagiza. Kandi mu ishyaka ryabyo, nk'abo bigishwa bahamya ibyo Yakoze, "kandi, yoo, twamubonye akora *ibi,* kandi twamubonye akora na *biriya*," ndizera ko twagiye nka bo, tutari kumwe na We.

74 Twagiye ku mahirwe akomeye cyane ibyo—ibyo ububyutse bwagaragaje. Twagiye ku mahirwe yo kubona amafaranga menshi, insengero, kubaka inyubako nini, ahantu hanini cyane hafite amamiliyoni y'amadolari, amashuri meza, gahunda z'uburezi, no gutuma amadini yacu akura. Hanyuma dufite gahunda zacu za gikomunisiti, kurwanya ubukomunisiti, ni byo gusa dushobora kuvugaho uyu munsi. Kandi ikintu cya mbere muzi, Satani yatubonye turi muri gahunda zacu zo kurwanya

ubukomunisiti, kuri gahunda zacu nini z'amadini, no kuri gahunda zacu "miliyoni nyinshi," n'ibindi, nk'uko babigenje.

75 Kandi twagiye tudakoresheje amateraniro yo gusenga ya kera n'umubatizo w'Umwuka Wera, kugeza igihe umuriro ugabanirije gutwika. Mushobora gutaka, mukagerageza kugeza abantu ku gicaniro, maze bakagenda nk'aho bari hafi yo gupfa, bafite ubwoba bwo kuza. Hanyuma mugasaba abakozi b'Imana kuza gusengana nabo, "Yoo, kuki yabinsabye?" Nuko bakicara aho, kandi ntushobore kubabona. Kandi bazahagarara aho iminota mike gusa, bakurebe, hanyuma basubire inyuma bicare mu myanya yabo. Kuri njye, umuriro wageze hanze! Hari ikintu cyabaye. Mwumve! Icyo dukeneye ni ububyutse, ku buryo abanyabyaha, bareba Kristo, bakihana, bakirukira ku gicaniro bazamuye amaboko, batakamba basaba imbabazi, n'itorero ryose rifite umuriro, hamwe n'icyubahiro cy'Imana.

76 Ishyaka ryacu ryo gushaka amahirwe yo gutuma amadini yacu akura, twubatse amashuri manini kugira ngo twigishe abapasiteri bacu, kandi tubohereze kure y'Imana kurusha uko byari bimeze mbere. Imana ntabwo imenywa kubw'uburere. Ntabwo imenywa kubwa tewolojiya. Imana imenywa no kwizera. Ntushobora kuyisobanura. Irenze ubusobanuro.

77 Mwitegereze icyo byatanze, twebwe Abapentekote twahoze turi abapentekote. Abagore bacu bafite imisatsi yabo yogoshe, bisize amarangi. Abagabo bacu barabyemera. Abapasiteri bacu barabyemera. Batinya kugira icyo bavuga kuri ibyo. Itorero rizabasubiza hanze nibabikora. Niba tudakeneye gusukura inzu, kuva ku ruhimbi kugera mu cyumba cyo hasi. Ni ikimwaro. Ni ikimwaro.

78 Hari umugabo waje aho ndi, hano, arambwira ati: "Mwene Data Branham, abantu baragukunda." Ariko yaravuze ati, "Uhora ubatuka, utuka abagore, ku bijyanye no kugira imisatsi migufi n'ibindi nk'ibyo."

Ndavuga nti: "Bibiliya yavuze ko byari isoni kuri we kuyigira."

79 Aba asuzuguye umugabo we mu gihe arimo kubikora. Kandi rwose ni ikimenyetso kiva ku Mana. Mwibuke ko, mu gihe cya Samusoni, umusatsi muremure wari ikimenyetso cy'Umunaziri cy'uko yari yaravuye mu isi, akajya mu Ijambo ry'Imana. Kandi iyo mukuyeho umusatsi wanyu, bakobwa, muba muhakanye ko muri ikimenyetso cy'Umunaziri. Wagiye i Hollywood aho gusubira muri Bibiliya. Bibiliya yaravuze iti: "Bareke bogoshwe." Murareba, biteye isoni, kandi abakozi b'Imana ntacyo babivugaho.

80 Uyu mugabo yarambwiye ati: "Kuki utareka abagore?" Aravuga ati: "Bakubona nk'umuhanuzi."

Ndavuga nti: "Sinigeze mvuga ko ndi umuhanuzi."

81 Aravuga ati: “Ni ko bakubona. Ubigisha uburyo bwo kwakira impano z’umwuka no kugira icyo bakora. Ugomba kubigisha ibintu bikomeye, ibintu bikomeye.”

82 Ndavuga nti: “Ni gute nshobora kubigisha imibare mu gihe batigeze biga na ABC, uburyo bwo kwiyubaha muri byo? Mugiye kubikora mute? Yego, muhere ku kintu cya mbere.”

83 Uko umwaka utashye, tunyura mu gihugu cyose, kandi birushaho kuba bibi igihe cyose. Hari ikintu kitagenda neza ahantu runaka, ntabwo kiri ku Ijambo. Ntibitangaje kuba tudashobora kugira umuriro w’ububyutse utwika. Dukeneye igihe cyo gusukura inzu. Imana ntizigera ibikora kugeza igihe tuzagarukira. Dukeneye igihe cyo gusukura inzu.

84 Namwe bagabo, mwemerera abagore banyu gukora ikintu nk’icyo, kwambara ikabutura! Ntabwo ari Abametodiste, Ababatisita. Abo ni Abapentekote, ni byo koko, “ishusho y’ubumana, Igihe cy’Itorero rya Laodikiya, akazuyazi,” Izina rya Pentekote, ni ibyo byonyine. Pentekote si izina, ni ubunararibonye bwo kubatizwa n’Umwuka Wera, busukura abantu. Ntibitangaje kuba tudashobora kugira umurimo mwiza wo gukiza indwara n’ibindi, hari ikintu cyagenze nabi ahantu runaka. Ni Satani, watubonye tugerageza ku . . .

85 “Ubwo rero, icyo tubivuzeho ni uko, bazabahindura ubanyamuryango bwabo.”

86 Mwibuke, ntimworora Abakristo. Abakristo ni abanyantege nke. Ni abagabo n’abagore b’Imana, bahagaze ku Mana, ntitaye ku cyo undi wese agomba kuvuga. Ntabwo ari ngombwa kubasaba no kubashishikariza, no kubasiga amavuta meza no kubarera. Ibyo ni kimeza, ibihingwa bivanze, ntacyo bimaze na gato, ntacyo bizigera bitanga.

87 Binyibutsa, nk’aho . . . Vuba aha ni igihe cyo kwibaruka. Nabonye inyoni nto uyu munsi, hariya, udufundi duto dupakira ibyatsi mu byari byazo. Ntibizatinda kugeza igihe zubakiye ibyari, zigatera amagi yazo mato. Murabizi, inyoni nto ishobora kugira icyari cy’amagi, kandi ishobora kwicara kuri icyo cyari cyayo cy’amagi, kandi irayahindura buri minota mike; ifata uturenge twayo duto ikayahindura, maze ikayabundikira. Noneho, niba iretse amagi agakonja yari yashyushye, ntabwo azaturaga. Maze ikaguruka ikazana ibiryo byuzuye akanwa, hanyuma igahita iyasubiramo.

88 Kandi murabizi, iyo nyoni ishaje, yashoboraga kubundikira ayo magi, ikayahindura buri minota ibiri, kandi ntabwo . . . ndetse no kwigomwa no kwiyiriza ubusa kugeza igihe ishonje cyane idashobora kuva mu cyari. Ariko usibye niba, iyo nyoni y’ingore yarahuye n’inyoni y’ingabo, naho ubundi ayo magi ntazaturaga. Uko byagenda kose, uko wayitaho kose, ntabwo azaturaga. Azaguma mu cyari cyayo abore.

89 Kandi niba hari igihe Pentekote yagombaga kugirana n'Umukunzi, Yesu Kristo; kuko nta kindi tuzabona uretse icyari cyuzuyemo amagi yaboze, twihakana Ukwemera, tujya mu Nama Nkuru z'Amatorero, kandi bakabyita ibintu bikomeye, kwicara iruhande rwa Papa, bakavuga ngo "ni iby'umwuka." Ikibazo cy'isi ni ikihe, mwa bantu b'Abapentekote mwe? Ntituzi se ko Bibiliya yavuze ko ibi bintu bizabaho? Kandi turataka kuko Abametodiste n'Ababatisita baza bakinjira, hanyuma n'ibindi bintu byose nk'ibyo. Ntimuzi ko igihe umukobwa wasinziriye yajyaga kugura Amavuta, ari cyo gihe Umukwe yaziye? Kandi nta n'Amavuta babonye! Murabizi, Izamurwa rizaba mu ibanga cyane, maze ribe, kimwe muri ibi bihe, nta n'ubwo muzamenya ko riba. Rizaba ryarangiye, kandi muzibaza ibyabaye.

90 Nk'uko Yohana yaje kw'isi. Bakamubwira, bati: "Ni byiza, Bibiliya ivuga ko, Eliya agomba kuza." Aravuga ati: "Yamaze kuza, kandi ntimwabimenye."

91 Ni ko bizaba, umunsi umwe, bazavuga bati: "Natekerezaga ko ibi byari kuba mbere y'igihe cy'Akarengane. Nibwiraga ko Izamurwa ryari kuba." Amagambo ashobora kugaruka, "Ryarabaye kandi ntimwabimenya." Yoo-mbega. Bishobora kuba nta gihe kikiriho kurusha uko ubitekereza. Eee, kanguka, torero! Ni byiza ko ibyo mbireka; Ntabwo nigeze nza hano kubw'inyigisho, Natekereje ko nzabiganishaho kugira ngo mubashe kubibonaho ku ruhande rumwe.

92 Mwibuke, bene Data, Satani yabonye ibyo bikoresho bikomeye, Itorero rimwe rigerageza kurusha irindi, amadini amwe agerageza kurusha ayandi, gukuraho ubujiji bwose no kubasaba kubaha ikizamini cy'imitekerereze y'abantu, kugira inzobere mu by'imitekerereze y'abantu kugira ngo igupime mbere yo kujya mu butumwa. Abapentekote! Oya, ibyo—ibyo—ibyo ntabwo ari Abaperesibiteriyani, ni Abapentekote. Ikizamini cyo kumenya umuntu kirakenewe ku itsinda runaka ry'Abapentekote, itsinda rinini, mbere y'uko abamisiyoneri batangira umurimo.

93 Byagenda bite baramutse bakoze ikizamini nk'icyo? Babonye ikizamini. Cyari ikizamini cya pentekote mu ntangiriro, ubwo bategererezaga mu cyumba cyo hejuru kugeza igihe Umuriro uturutse Hejuru umanukiye, mu mbaraga z'Imana. Icyo cyari ikizamini.

94 Si inzobere kw'isi, umusinzi igice kimwe mu by'imitekerereze y'abantu, uhagaze aho agerageza kugarura ubwenge, niba unezerewe gato, cyangwa ikindi kintu, vuga uti: "Mwese hamwe mwararangiye burundu." Iyo, bigaragaza rwose ko umuntu w'umwuka cyane aba agira ingeso y'umunyaburakari, agomba kuba ari muri iyo miterere kugira ngo ayinjiremo. Ngaho rero, murabyumva, kandi barimo

guhindura ibyo Imana yagerageje gukora mu myaka myinshi, hanyuma bakagaruka bazanye gahunda zabo n'ibintu byabo bikomeye. . .

95 Baranezerwa cyane iyo babonye abantu benshi bateraniye hamwe. Bavugira rimwe bati, "Iyaba nashoboraga kubagira bose ab'Amateraniro rusange! Iyaba nashoboraga kubagira bose Abanyabumwe! Iyaba nashoboraga kubagira bose Abametodisite!" Metodisite irimo kugerageza kubahindura Abametodisite bose, Umubatisita agerageza kubahindura Ababatisita bose, Abapentekote bose bakabahindura Abapentekote! Yoo, ntacyo wabikoraho, Imana yategetse ibyo uhereye kuva isi itarashyirwaho rufatiro. Tugomba kubwiriza Ubutumwa Bwiza. Ni ibyo gusa. Ariko, muri gahunda zacu ndende, twagiye nta muriro. Twagiye kwikorera umuriro wo mu rugo, nk'uko byari bimeze.

96 Kandi ubukomunisiti bwacu, ubu dufite ubwoba bwinshi, ubukomunisiti bwarabitangiye, "Bizagenda bite?" Ariko, murabizi, ikintu gikomeye si ubukomunisiti. Mureke mbabwire ko ubu nta bwoba mfite ku bukomunisiti.

97 Ariko ibyo mfitiye ubwoba, mwebwe Bapentekote, iyi Nama ya Ekumeniki igiye kubahitana. Icyo ni cyo kintu giteye ubwoba. Bizaba ikimenyetso cy'inyamaswa, kandi muzahatirwa kukinjiramo. Kubera ko muri ishyirahamwe, mugomba kwinjiramo cyangwa mugasohoka. Ibyo ni byo, kandi umuntu wese mwiza, ufite ubwenge, kandi w'umunyamwuka nawe arabizi. Dukeneye ubundi buhamya bwo mu nyanja, turabubonye nonaha. Kandi Abapentekote bacu, bararoba gusa, indobani, bagashyira ku murongo, bagatobora, "Mbega ukuntu bizaba ari ikintu cyiza cyane!" Igihe, Metodisite, Peresibiteriyeni, Luteriyani, Itorero rya Kristo, na Pentekote, mugomba guhakana inyigisho yanyu ikomeye y'intumwa, kugira ngo mubemo. Na bo bazahatirwa kubikora. Nta cyo bazaba bagifite cyo kubikoraho. Byose bihuriza bikomeye hamwe na Roma, ni byo byagaragaye neza neza. Ni ko Ibyanditswe bivuga.

98 Ni ikihe kibazo kiri ku babwiriza cyatumye ibi bintu bigera muri ubu buryo, bataburiye abantu? Imana izabasaba kuzamura ibiganza byabo. Muri iki gihe cy'amakuba, bari bari mu makuba, bari bayarimo. Ubukomunisiti butarimo; ni Inama Nkuru y'Amadini izamira imbaga yose. Kandi mwibuke, iyo uvuze uti: "Ntabwo. . ." Birasohora, noneho ni impitagihe. Mwafashe ikimenyetso cy'inyamaswa. Muri muri icyo gihe.

99 Muzi neza ko mushobora kujya kure yacyo, yego, mugenzi, mwashyizweho ikimenyetso mu Bwami bw'Imana. Umubiri wa Kristo ni Umubiri w'amayobera wa Kristo, wabatijwe muri Wo n'Umwuka Wera; ntabwo wahujwe na Wo, wafatiwe muri Wo, wavugiye muri Wo, wavugiye mu ndimi muri wo, wasakurije

muri Wo. Wavukiye muri Wo, kubw'Umwuka Wera. Ni byo. Rwose.

100 Noneho tubonye ibi bintu, ibibazo byose bivukira icyarimwe. Yoo, satani yararebye aravuga ati: "Yoo-mbega, bagiye kwigumura, bari hanze gusa basimbuka hejuru no hasi, basakuza, bishimye cyane. Murabizi, ubu ni cyo gihe cyanjye cyo kubaroha. Ngiye kwihorera kuri bo nonaha."

101 Nuko arahaguruka azamuka umusozi atangira guhumeka umwuka we w'uburozi, ahwii ati: "Iminsi y'ibitangaza yararangiye. N'ubundi kandi, ndizera ko aba bantu bafite ubwoba gusa. Ndatekereza ko bagomba gukorerwa i—i—ikizamini cyo mu mutwe mbere y'uko bajya mu mahanga." Abapentekote! Yoo-mbega. Murebe umwuka we w'uburozi wica Ijambo, "Yoo, ndatekereza ko ari ikindi kintu, jyewe—njyewe ndabyizera . . . " Murabona, gusubira inyuma neza nk'uko andi madini yose yabigenje, Iyo ni yo nzira banyuramo. Baza, irabyica. Isaha nyine mubiteguriraho, ni yo ibyica. Ihora ibikora. Izahora ibikora. Ntibizongera guhaguruka ukundi. Ntibyigeze bimenyekana mu mateka. Muri—muri iki gihe cy'Itorero rya Lawodikiya, Kristo yari hanze y'itorero, akomanga, agerageza kwinjira. Kandi ntibashobora kubyihanganira. Ntibashobora kubyumva. Noneho dusanga, igihe turimo, ibibazo byinjiyemo.

102 Hanyuma mbere dusanga, ibitangaza bitakibaho, nk'uko byagenze. Abarwayi barasubira mu rugo barwaye. Ntabwo ari ukubera Imana. Ni ukubera kubura ububyutse hagati mu bantu. Nta bubyutse buhari. Bo—baricara bakumva; subira mu rugo, bakavuga bati: "Ndumva byari byiza cyane. Yoo-mbega." Urabona, nta shyaka ririmo. Nta cya kintu runaka kiba mu bantu cyagakwiye kuba kirimo.

103 Ndibuka u myaka cumi n'itanu ishize, hano muri Arkansas, igihe nari mfite amateraniro i Jonesboro, ubwo abantu bagera ku bihumbi mirongo ine bageragezaga kuyitabira, bazaga mu materaniro mu mujyi w'abantu bagera ku bihumbi cumi na bitanu. Kandi bakaryama munsi y'amakamyo y'ipamba n'ibindi byose, bapfuka impapuro ku bana babo barwaye, kugira ngo binjiremo. Bicaraga mu myanya yabo ntibashoboraga kuhava, ku manywa na nijoro, kandi batumye abakunzi babo bajya kugura hamburugeri n'i—n'icupa rya pope; nuko bakaguma aho, umunsi ugahita undi ugataha, umunsi ugahita undi ugataha. Imitima yabo yari irimo kugurumana, nk'umuriro. Ikintu gito cyane Imana yakoraga, cyarabatwikaga. Maze amagana muri bo akinjira.

104 Iracyari Imana imwe, iri joro, nk'uko ari ko Yari iri mu myaka cumi n'itanu ishize. Iracyari Imana imwe, muri iri joro, nk'uko Yari iri igihe yaremaga amajuru n'isi.

105 Ariko se ni ibiki? Twagize amatsiko menshi kandi twifuza kubaka imiryango yacu, nifuzaga kubaka *ibi*,

no kubaka *ibi*, no gukora ikintu cyiza kandi gitangaje, ugereranije n'iby'Abaturanyi, hamwe n'Abametodisite, hamwe n'Ababatisita, hamwe na Peresibiteriyeni. Ntabwo uri uwo muri bo. Oya, ntabwo uri we. Ni abantu b'abanyamadini, ibyo ni ukuri, nta kibi kirimo. Hari Abakristo beza benshi muri bo, ariko ntimukwiye kwishyira hamwe n'ayo matsinda y'abatizera. "Abantu bahakana Imbaraga zabyo," ntimugomba kubashyigikira.

106 Murabizi, ikibazo ni uko mugerageza gushyira Hollywood mu rusengero. Ikintu mwagakwiye kugerageza gukora ni ukuvana Hollywood mu itorero. Murabyumva? Murimo kugerageza gutuma inyubako yanyu iba nziza cyane, murimo kugerageza gutuma ishyirahamwe ryanyu riba rinini cyane, kugeza igihe bizakururira ibitekerezo by'abantu. Ntidushobora kunyura ku ruhande rwabo. Tugomba kuba dufite uruhande rwacu. Byose birarabagirana, mwibuke ko Hollywood ibengerana nk'isi, mu gihe Ivanjili yamamazwa mu kwicisha bugufi. Hari itandukaniro rinini hagati yo kurabagirana no gushashagirana. Ubutumwa Bwiza burarabagirana mu kwicisha bugufi, no kwiyoroshya, no kwicisha bugufi, mu mbaraga. Mu gihe, Hollywood ishashagirana, kandi buri wese avuza induru, kandi akajyayo. Murabona? Ntabwo tubikeneye.

107 Turashaka kubaho mu Mucyo nk'uyu. Yaravuze ati: "Muri umunyu w'isi." "Niba umunyu ukayutse," ni wo mbaraga zawo mu Butumwa bwiza. Twakagombye kugira ikintu kigenda mu matorero yacu, kugirango Abametodisite, Ababatisita, Abapresibiteriyani, n'abandi bose, bifuze kuza. Tugomba kuba umunyu uryoshye cyane! Umunyu utuma ugiraa inyota, utera inyota. Umunyu ni uburyohe, iyo uwurigase. Ugomba kurigatwa.

108 Kandi dusanga, ukwigumura kwacu gukomeye kugerageza kugereranywa n'ukw'Abametodiste n'Ababatisita, n'inyubako nini n'ahantu hagari, n'abantu beza, n'amashuri magari na za kaminuza nini, n'ibindi nk'ibyo. Twerekeje mu kwigumura, none ibibazo byatwinjiyemo.

109 Kandi ubwenge bw'umwuka bureba hirya no hino bukavuga buti: "Hano, tegereza gato hano, twese tugiye kujya muri iyo Nama y'impuzamadini? Ese itsinda ryacu ryose rizayitabira?" Yego, muzayitabira. Ni byo rwose. Mwitegereze murebe niba mutazayitabira. Bibiliya ivuga ko mwari kuyitabira, neza neza, kandi Kristo yari kuba ari yanze yayo. Ukwezi kwijimye imbere ya papa (uwa mbere wagiye i Roma), mu ijoro ryahise, kubereka ikimenyetso mu majuru. Ntibyari byarateganyijwe, ni ko kwabikoze. Mbega ukuntu Uwiteka arimo gukora ibintu muri iki gihe, birahebuje!

110 Hanyuma muri iki gihe gikomeye cy'umwijima, igihe bari bari hariya, umuyaga warahushye. Ibyiringiro byose byo kurokoka birashira. Noneho mugiye gukora iki niba idini ryanyu

rigiye mu Nama Mpuzamadini? None se, ni iki kizaba ku bintu byacu byose bikomeye twubatse hano ku isi, ibyiringiro bya nyuma bishize?

111 Ariko murabizi, n'ubwo bari bagiye gutaka, kandi ibyiringiro byose byari byashize, ntibashoboraga gukizwa; maze mu buryo butunguranye, bamubona aje, agenda hejuru y'amazi. Mu gihe cy'umwijima, Yaraje, awuzamo.

112 Murabizi? Igihe yabasigaga, yari azi ko ibyo bigiye kubaho, nuko Azamuka umusozi muremure cyane wari uri mu gihugu. Uko uzamuka hejuru, ni ko ubasha kureba kure. Kandi Yarazamutse kugira ngo abarebe, murabizi.

113 Kandi Yari azi ko ibi byari bigiye kuba. Yahanuye ko uyu munsi uzaba uri hano. "Nk'uko byari bimeze mu gihe cy'i Sodomu, ni ko bizamera mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu, mu gihe Umwana w'umuntu arimo guhishurwa." Noneho, Umwana agomba guhishurwa. Iki gisekuru kibi kandi gisambana kirashaka ikimenyetso. Kizaba gifite ikimenyetso. Kizacyanga nk'uko babikoze icyo gihe, ariko kizaba ikimenyetso cy'umuzuko. Aracyari muzima, akora nk'uko Yabikoze.

114 Tubona ko muri iki gihe gikomeye, abo bigishwa bose bari mu kaga, yarazamutse kugira ngo abitegereze. Yari yicaye aho ku musozi, arabitegereza.

115 None ubu ntabwo yazamutse umusozi muri iki gihe, ahubwo Yazamutse ava mu mva, atumbagira mu kirere, arenga ukwezi, inyenyeri, kugeza ubwo Yatumbagiye cyane kugeza ubwo agomba kureba hasi kugira ngo abone Ijuru. Kandi aho ni ho Yicaye, Hejuru. Ubu ijisho Rye rirakanuye, kandi nzi ko arimo kutwitegereza. Arimo kwitegereza.

116 Kandi hano muri iki gihe cy'umwijima, igihe amatorero yose yaguye muri gahunda zikomeye, kandi babonye *iyi* gahunda n'*iriya* gahunda, byose byateguwe nk'uko andi matorero abikora, amadini. None se byagenze bite? Mu gihe cy'umwijima, ubwo abantu buzuye umwuka by'ukuri bibazaga bati: "Biragenda bite? Nimurebe abana banjye!" Umugabo akavuga ati: "Nimurebe umugore wanjye! Nimwitegereze *ibi*!"

117 Kandi basohora gahunda y'amateraniro yo gusenga ku Cyumweru, cyangwa ku wa Gatatu nijoro, hakiri kare, kugira ngo bajye kureba *We Love Susie,* cyangwa ikindi kintu nk'icyo, kuri televiziyo. "Abakunzi b'iby'isi, kuruta abakunzi b'Imana." Kwitwara nka bo.

118 Nabwiye umugore umunsi umwe, yari yambaye ikanzu imufashe cyane. Naravuze nti: "Mushiki wanjye, iyo kanzu irakwegereye cyane. Bishobora kuba bitumvikana neza kuri njye kubikubwira, ariko ni ko bimeze. Uri Umukristo, kandi byagusitaza."

119 Yaravuze ati: “Ni byiza, Mwene Data Branham, urabizi?” Aravuga ati: “Ni bwo buryo bwonyine bakoresha.”

120 Ndavuga nti: “Baracyagurisha ibicuruzwa, kandi bafite imashini zidoda. Nta rwitwazo.” Yego.

121 Umva, reka nkubwire ikintu, nshuti yanjye nkunda. Si ukugutoteza. Oya, mugenzi. Ndagerageza kukurinda imibabaro. Igihe cyose uwo mwuka ukiri muri wowe, uzabikora. Ni byo. Ugomba kuvuka ubwa kabiri. Noneho ushobora kwishimira iyo mvugo, ariko reka nkubwire ikintu kimwe, reba, “Icyo umutima wawe uri cyo, ni cyo n’ubutunzi bwawe buri cyo.”

122 Reka nkubwire. Ushobora kuba uwera nk’umwangange imbere y’umugabo wawe, kandi ushobora kuba uwera nk’umwangange, mukobwa muto, imbere y’umuhungu w’incuti yawe, ariko umunsi umwe Imana izakuryoza icyaha cyo gusambana. Iyo wambaye utyo, uba ufite icyaha. Yesu yaravuze ati: “Umuntu wese ureba umugore akamwifuza, aba yasambanye na we mu mutima we.” Kandi iyo uwo mugabo agomba kuzabibazwa, uwo munyabyaha, kubera kukureba, kubera gusambana, ni nde wabimuteje? Tekereza nawe. Mwa bagore b’Abapentekote mwe, muteye isoni! Murabona? Muteye isoni!

123 Ndagukunda, ni yo mpamvu mvuze ibyo. Urukundo rurakosora.

124 Turi mu kwigumura gukomeye, ukwigumura kw’imyambarire gukomeye. Ni nka, kandi imeze nk’isi. Yaravuze ati: “Ntimugakunde isi cyangwa iby’isi; nimubikora, urukundo rw’Imana nta n’ubwo ruba ruri muri mwe,” Sinitaye ku kuntu muvuga mu ndimi, musimbuka hasi hejuru, mubyina, mwogosha imusatsi, mwambara amakanzu nk’ayo. Murabyemera. Imbuto zanyu bwite zirababwira aho mugeze. Ni byo rwose. Ntibitangaje kuba turi mu kajagari nk’ako turimo, mu miyaga y’ubukomunisiti, imiyaga y’itorero, imiyaga y’imitunganyirize y’amadini!

125 Ni—ni igihe cyo kwihuza, igihe cy’ubumwe. Ubumwe buhuza abakozi, mu rugaga rw’abakozi. Amahanga afite u—u Ubumwe bw’Ibihugu, mbese byunze ubumwe. Amatorero arimo kwishyira hamwe. Ibi byose bigaragaza iki? Bigaragaza ko Kristo n’Umugeni bitegura kwihuza. Ni cyo bivuga. Ibi ni ibimenyetso bigaragaza ukuza kwiza. Mwitegereze ubu mu gihe dusoza, kuko nakererewe cyane.

126 Kandi noneho murebe, muri iyo saha ikomeye ubwo ibyiringiro byose byari byashize, byo kurokoka, babonye Umuntu aza, agenda hejuru y’amazi, agenda hejuru. Kandi ikintu, igice kibabaje, mutege amatwi mwitonze, ikintu cyonyine cyashoboraga kubafasha, bari bafite ubwoba. Baravuze bati: “Ni umudayimoni. Bishobora kuba ari byo, murabizi, umwuka mubi.”

127 Niba ibyo bitarigeze bibaho bibaho! Byabateye ubwoba. Batinya ubupfumu, batinya ubwoko runaka bw'imbaraga z'amadayimoni; igihe Yesu yavugaga ko bizabaho muri iyi minsi. Gusa ikintu cyonyine gishobora kubafasha ni Yesu Kristo. Ntabwo ari irindi dini, ntabwo ari yose ahurijwe hamwe; ibyo bizatuma ibintu birushaho kuba bibi kurusha mbere hose. Ikintu cyonyine gishobora kubafasha ni Yesu Kristo.

128 Kandi ubwo yasezeranyaga kugaruka mu minsi y'imperuka, muri ubu buryo, no gukora ibi, asezeranya (nk'uko mbere y'umwana w'umuhungu wasezeranijwe aza kwa Aburahamu, imbuto ya mbere) imbuto y'ubwami ya Aburahamu, Yesu yashoboraga. . .yavuze ko ibyo bintu tuzongera kubibona. Mbere y'Umwana wasezeranijwe, Imana yagombaga kwigaragaza mu mubiri Yo ubwayo kandi igakora neza nk'uko Yesu yabigenje, nk'uko Yavuze ko Yari kubikora, neza nk'uko byavuzwe ni ko bizagenda mu minsi ya nyuma. Kandi hano ayo masezerano yose, dushobora kuyashyira ahagaragara, ku bwinshi, tukayagaragaza hano imbere yanyu, ko ibi bigomba kubaho.

129 Kandi amatorero, akwiye kuba afite intwaro, kugira ngo ayakire, "Ibyo ndabitinya. Ntabwo ari iby'itsinda ryacu, murabona." Kandi barabitinya. Ikintu cyonyine gishobora kubageza kuri Kristo, ni Kristo We ubwe, kandi barabitinya ko biteye ubwoba. "Yego, simbizi. Ubyo bishobora kuba bisize umwuka, murabona. Kandi ntacyo mbiziho." Batinya ikintu kimwe rukumbi gishobora kubafasha.

130 Kandi muri icyo gihe cy'amakuba, ayo matorero yatoranijwe, iryo tsinda ryicaye hariya, batinya ko bishobora kuba biteye ubwoba, ntibashakaga kugira aho bahurira na byo. Noneho haje Ijwi riryoshye rigira riti: "Ntimutinye. Ni Njyewe."

131 Ni Ijambo, ntabwo ari We? Ntiyigeze ahinduka, kuba Jambo. Ese ubu ntushobora kumva Ijambo rivuga, iri joro ngo: "Uko yari ari ejo ni ko ari uyu munsi kandi ni ko azahora n'iteka ryose. Mwitinya; ni Njyewe"?

Mureke twunamishe imitwe yacu.

132 Data wa twese wo mu ijuru, u—uyu mugoroba harashyushye. Amasaha acuze umwijima, ukuntu Umuriro wavuye ku gicaniro. Uri gusarura ibyeze mu murima wose. Waravuze uti: "Ubwami bumeze nk'umuntu wafashe urushundura akajya mu nyanja, akarunagamo, ubwo yarukururaga. Ubwami bwari bumeze butyo." Mwami Imana, umunsi umwe ya fi ya nyuma iri muri ayo mazi! Waravuze uti: "Barobye ubwoko bwose." Urwo rushundura rw'Ivanjiri rufata ubwoko bwose bw'ibisimba; rwafashe ibisimba, ifi zitukura, ibitagangurirwa, inzoka, n'amafi arya ibimera. Ntituzi icyo ifata, ariko harimo ifi wari urimo gushakisha. Ni Wowe Mucamanza. Ariko twabonye, ko vuba vuba akanyamashyo, ifi y'inkangu, n'ibindi byose,

byisubiriye mu mwobo w'ibyondo, byisubirira mu mazi. Ariko umunsi umwe ifi ya nyuma yagenewe, yateganyijwe mbere ko izaza, icyo gice cya nyuma cy'Umubiri, kizakurwa muri icyo kiyaga.

133 Wajugunye urushundura mu gihe cya Luther, cya Wesley, Alexander Campbell, John Smith, Calvin, Knox, Finney, Sankey, n'abandi; mu gihe cya Pentekote, iminsi ya F. F. Bosworth, na Frochman, abo bagabo bakomeye. Wanaze inshundura, mu minsi ya Billy Sunday, kugeza mu bisekuruza byose.

134 Kandi n'ubu Uracyari hejuru y'inyanja. Ese hano hari umwe muri bo wicaye hano iri joro, Mwami? Niba ahari, nibamere nk'uriya mugore muto ku iriba. N'ubwo yari mu busambanyi, aracyamenya ko Uri Mesiya. Yabonye icyo kimenyetso. Cyari cyo. Yaravuze ati: "Ndabona Uri umuhanuzi." Nta gitekerezo yari afite ko ushobora kuba uri Mesiya. Yaravuze ati: "Dutegereje Mesiya," mu yandi magambo. "Tuzi ko Mesiya naza, We azatubwira ibi bintu." Ati: "Ndi We." Ni ko byari bimeze.

135 Noneho, muri iri joro, Mwami, bareke babibone, "Ni Njyewe; mwitinya. Ni isezerano Ryanjye." Kiza abarwayi, Mwami, tarura abazimiye, wuzuze intonga zirimo ubusa.

136 Reka tugende iri joro, maze tuvuge mu mitima yacu, uko tugenda, tuvuge nk'abavaga i Emawusi, tuti: "Mbese imitima yacu ntiyagurumanaga muri twe igihe yatuganirizaga muri iri joro mu nyubako, mu Kugaragara k'Ubumana Kwe!" Uko bamenye ko ari Wowe, baragutumiye ngo winjire kandi amaso yabo arahumutse. Buri wese muri twe, iri joro, agutumire. Niba tutabisobanukiwe, tugutumire uko byagenda kose. Ubwo ni bwo buryo bwonyine Ushobora kwigaragaza Wowe ubwawe.

137 Kandi tubona uburyo wigaragaje nyuma yo kuzuka Kwawe, Hari ikintu Wakoze mu buryo bumwe wagikozemo mbere yo kubambwa Kwawe. Noneho ngwino muri iri joro, Mwami, Wavuze ko "uko wari uri ejo, n'uyu munsi ari ko uri, kandi ko ari ko azahora iteka ryose." Bikore nanone, ku bwacu, nk'uko Wabikoze mu minsi Wari uhagaze hano mu mubiri, ku isi. Turaza gutaha, dufite umutima ukeye, nka bo. Turasenze mu Izina rya Yesu. Amina.

138 Ubu mu materaniro, uyu mugoroba, nzi ko hari ikirere kiza, kandi dufite iminota makumyabiri kugirango dutahire ku gihe. [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.] Ndi . . .

139 Sinshobora guhagarika cyangwa kubangamira ibintu nkora. Nyoborwa n'Ikintu runaka, ni ko nahoze, ubuzima bwanjye bwose, kandi gihora ari ari ukuri. Nta kindi cyigeze kimbwira kitari ibiri muri Bibiliya. Sinshobora kugihagarika. Ntacyo nagikoraho. Irabikora uko byagenda kose. Kandi ndahamya ko niba nyumvira, hari umuntu wari ubikeneye. Kandi nzaba ndi umwizerwa. Muri icyo gihe, ndashaka, nk'uko Mutagatifu Pawulo yavuze ati: "Nta maraso y'umuntu ari mu ntoki zanjye."

Yoo mbega. Nda—ndashaka kubabwira Ukuri. Ntabwo ari njye. . . Ndabakunda.

140 Kandi niba wari ufite umwana muto w'umuhungu. . . Noneho tekereza kuri byo, bagore, mwebwe nacyahaga mu gihe gishize, mwebwe bashiki bacu mufite imisatsi itendera mu maso n'ibindi. Niba na. . . Niba ufite umuhungu muto wicaye ku muhanda, maze ukavuga uti: "Benyamini, mukundwa, byaba byiza winjiye, mukundwa. Sinamenya, wenda bashobora kugutembereza mu modoka." Ntabwo uba ukunda uwo mwana. Ni byo. Muzavayo umwambure ubucocero, cyangwa umwinjize. Ni byo. Waba umukunda.

141 Uko ni ko Ubutumwa Bwiza bumeze. Imana irabakunda. "Kandi abo Ikunda, Irabahana kandi Igacyaha buri mwana wese uyigana." Iyo udashoboye kwihanganira igihano, uragenda ukarakara, noneho muri abana batemewe n'amategeko, ntabwo muri abana b'Imana. Gusa rero mwibuke, neza ni Ibyanditswe.

142 Noneho ijambo rimwe rivuye kuri Yo, ijambo rimwe, rizasobanura byinshi kuruta uko nabivuga, ku buzima bw'abantu miliyoni. Ni Yo. Tuzi amasezerano Yayo. Tuzi icyo Yasezeranije gukora. Ubu sinzi niba. . . yakoze. . . tuzava muri. . .

143 Ese yongeye gutanga amakarita? Ese uyu munsi watanze amakarita? Byari ibiki? J, nta kibazo. Yemwe, kugira ngo twizigamire igihe, reka dutangirire ku mwanya wa mbere. Noneho, birashoboka ko bari hirya no hino mu nyubako. J, nomero ya mbere.

144 None ubu dufite imihangayiko. Twatangiye kuva, igihe kimwe, guhera kuri *uyu*, uko igihe cyagiye gihita, bamwe imbere n'inyuma, no hirya no hino, ariko twababonye bajagaraye hafi hano. Ariko abantu bose baza, buri munsi, bafite amahirwe yo kugera ku murongo. Ibyo ntibisobanura ngo kubera ko uri hano. . .

145 Ni bangahe bazi, muri aya materaniro, ko hari byibuze hafi abantu babiri mu bateze amatwi bamaze gukira, nk'uko hari abantu bakiriye hano hejuru? Yego, murabizi. Murabona, ikarita yo gusengerwa ni ugushyira abantu hano hejuru gusa, shyira Umwuka Wera hagati yabo, nk'uko usanzwe ubikora. Nta n'ubwo tugomba kubigira ubu. Dushobora kwirengagiza amakarita yo gusengerwa.

146 Nk'uko twabigenje mu ijoro ryakeye, ntabwo twigeze tugira amakarita yo gusengerwa mw'ijoro ryakeye. Umwuka Wera yagendagenze hagati y'abo batari bafite amakarita yo gusengerwa. Kandi nabonye ibintu byinshi sinagira icyo mbivugaho, kuko ntari nzi niba ari byo cyangwa atari byo. Byari bikiri mu mwijima hejuru yabo, maze ndabireka. Sinari mbizi. Kubahamagara ntacyo byari kubamarira. Icyo Ivuga cyose ni cyo cyiza, bityo umva icyo Yo ivuga.

147 None se wavuze ko ari J? J, nimero ya mbere? J, nimero ya mbere. Ni nde ufite ikarita yo gusengerwa? Zamura ikiganza cyawe. Ugomba kuba wibeshye, muhungu wanjye; agomba kuba ari umuntu. . . Yoo, Mbabarira. Yoo, inyuma cyane ku rukuta inyuma. Ngwino hano, madamu. Ba—bazanye aya makarita ubu, umuhungu, Mwene Data Borders cyangwa Billy, umwe muri abo, rimwe na rimwe bombi, bavanga ayo makarita imbere yawe, hanyuma bakaguha ikarita yawe, icyo ushaka cyose. Ntitubizi, ni . . . *Uyu* agomba kubona umubare wa gatanu, n'*uriya* akabona umubare wa karindwi, *Uyu* agahabwa nimero cumi na gatanu, *uriya* mirongo icyenda na gatanu, kandi ntitubimenye. Hanyuma, nanone, iyo ngeze ahongaho, ngira gusa, aho iri hose ku mutima wanjye, ndayihamagara ndi ahongaho, aho iri hose. Njyewe gusa. . . Iyo mvuze nti . . . Rimwe na rimwe mbara umubare w'abantu bari ku murongo, nkawugabanya n'abari kuri uyu murongo maze nkabona igisubizo. Urabona? Hanyuma, niba ntabikoze, kuki, mpita . . . iyo ari yo yose yinje mu mutwe mbere na mbere, ndayihamagara.

148 Nimero ya mbere. J, nimero ya kabiri. Nimero ya kabiri, nimero ya gatatu, nimero ya kane, nimero ya gatanu, nimero ya gatandatu, ya karindwi, ya munani, ya cyenda, ya cumi, reka baze, murareba. Umwe, babiri, batatu, bane, batanu, batandatu, barindwi, umunani, icyenda, icumi. Ni byiza. Ni uko, mwigire imbere. . . Mutegereze, umwe yagiye mu rundi ruhande. Nari . . . Umwe, babiri, batatu, bane, batanu, batandatu, barindwi, umunani, icyenda. Ibyo ni byo. Noneho, hano, hano hari, icumi. Ni byo.

149 Cumi n'umwe, cumi na babiri, cumi na batatu, cumi na bane, cumi na batanu. Abo ni abandi batanu biyongeraho. Umwe, babiri, batatu, bane, batanu. Ni byiza, ni byo.

150 Cumi na batandatu, cumi na barindwi, cumi n'umunani, cumi n'icyenda, makumyabiri. Umwe, babiri, batatu, bane. Ndabona bane gusa. Makumyabiri, makumyabiri yasubije? Ni byiza. Noneho, ntabwo dushaka ko abantu benshi bahagararira icyarimwe. Noneho niturangizanya n'aba, kandi hakiri kare bihagije, turakomezanya n'abandi. Ntituri buhamagare . . . Wenda tu . . .

151 Reka tugerageze abandi bake. Reka tugerageze abandi batanu. Makumyabiri n'imwe kugeza kuri makumyabiri n'eshanu, mu bo muri J, mureke bahaguruke niba mubishaka. Makumyabiri n'imwe kugeza kuri makumyabiri n'eshanu. Umwe, babiri, batatu, inyuma mu b'inyuma, bane. Umwe, babiri, batatu, bane, ni batanu. Ni byo, noneho reka duhagararire hano. Hari makumyabiri na batanu ku murongo, kandi bari—bari ku murongo hano hasi.

152 Noneho ngiye kubasaba ikintu kimwe. Ese uranyiyegurira wese. . . Iyegurire Imana byimazeyo, mu minota cumi n'itanu,

cumi n'itandatu iri imbere. Uraza kubikora? Kandi uraza gukora n'ibi, gufungura umutima wawe? Noneho wibuke ibyo navuze. Ntukireke ngo kikurenge, nk'amazi agwa ku mugongo w'igishuhe, nk'uko umugani wa kera ubivuga. Ntukabikore. Wite kuri Ibi.

153 Niba nkubwiye ikintu icyo ari cyo cyose kitari mu Byanditswe byera, kandi ari isezerano ry'igihe, Utegetswe kubonana n'umuyobozi wa hano hanyuma ukambwira ibyawe. Ni byo. Njye—njye nta bindi nigisha uretse ibiri mw'Ijambo. Niba kandi mugumye hamwe n'iri Jambo, niba mvuze ko ari uko bimeze, kandi Imana. . .Ni muri Bibiliya. Niba Malayika w'Uwiteka yambwiye ikintu kitari muri Bibiliya, ntabwo yaba ari Malayika w'Uwiteka. Ni byo. Nta na rimwe yigeze ambwira ikintu icyo ari cyo cyose kitari icyo muri iryo Jambo, kandi murabihamya. Nta kintu na kimwe yigeze avuga, mu bihumbi amagana n'ibihumbi, n'indimi zo ku isi, ese Yigeze avuga ikintu kibi, cyangwa ngo avuge ikintu ntigisohore.

154 Nimwumve. Mubaze umuyobozi n'abo bari hano. Ibi mwese mubona hano, ni uruhande rw'abatarabigize umwuga. Ni byo, bene Data? [Bene Data baravuga bati: "Ni byo."—Ubwanditsi.] Kuki, hanze aho, no mu buzima bwite, aho Avuga ati: "Manuka ujye *aha* hantu, urebe *ibi*. Kandi *ibi* bizasohora. Kandi uvuge *ibi* hano haruguru, *hano* hepfo." Ni ibintu bihoraho, igihe cyose, murabona, uko umwaka ushira undi ugataha. Abantu baduteze amatwi babona gusa—utuntu duto. Ariko ni ubu niba muzabyubahiriza.

155 None se abantu bose bari muri uyu murongo w'amasengesho, bahagaze hano, ndabazi? Muzamure ibiganza niba muhari. Ni byo. Ni bangahe bari hanze, bazi ko ntacyo mbaziho? Muzamure ibiganza byanyu. Noneho mu gihe. . .Murakoze. Sinzi aho muhererey e, niba muri hejuru ku rubaraza, inyuma ku rukuta, unyuze *hano*, aho muri hose. Ngiye. . .

156 Noneho, ibi ni kubw'ibyiza byanyu. Ibi ni ku nyungu zanyu. Murabona, ibi ni ku nyungu zanyu.

157 Nibwiraga ko ari umwuzukuru wanjye muto warimo kumvugisha icyo gihe, ariko si ko byari bimeze. Mfite umwuzukuru muto hano ahantu runaka, iri joro, ajya kungana gutyo, kandi nibwiraga ko ari umwana muto Pawulo. Yahoraga avuga ko azaza, agahagarara ku gicaniro, akambwiriza, kandi ntarageza ku myaka ibiri. Ndatekereza ko uwo mwana muto arimo guhiga nyina.

158 Rero nimwibuke, ndagerageza kubafasha. Njye. . .Imana irabizi. Ndagerageza kubafasha, murareba. Noneho murebe, ndashaka ko mubona inyungu, niba koko Aribuze kubana natwe.

159 Noneho mutekereza kuri ibyo, Ubumuntu bwa Yesu Kristo bukora mu mubiri, nk'uko yasezeranyije ko azabikora mu gihe

cya nyuma. Ni bangahe bazi ko yabisezeranije? Nk'uko byari bimeze i Sodomu, igihe Malayika yahindukizaga umugongo We, nuko. . . Yari Imana. Wizera ko yari Imana? Ni bangahe bizera ko yari Imana? ["Amina."] Ni byo, ni ko byari bimeze. Bibiliya yavuze ko ari ko byari bimeze. Kandi We, Yesu, yabivuzeho. Noneho murebe.

160 Noneho mwebwe muri hanze mudafite ikarita yo gusengerwa, ndashaka ko mugira icyo munkorera, aho muri hose. Noneho mwibuke, ibi bintu, mwitegereze nibabwira ko mwakize, cyangwa icyo Ibabwira gukora. Murebe icyo ivuga. Niba hari icyo ibabwira gusa, ni ukugira ngo mwubake ukwizera kwanyu. Hanyuma ukwizera kwanyu nikugera ku murimo, muhite mwegera Imana muyemere. Ntabwo ari njye, kuko Data wo mw'Ijuru abizi.

161 Ndebye hano hasi, nta muntu n'umwe mbona nzi. Ntawe mbona uretse abantu babiri cyangwa batatu mu banteze amatwi bose, abo nzi. Kandi sinamenye uko, ubungubu, nshobora kuvuga ngo, nyereka umwe. Ndabizi ko Edmund Way yari hano mu minota mike ishize. Ndibwira ko namubonye, kandi na— nabuze. . .

162 Niba ntibeshye, ndabona umuntu nzi, ni umugabo n'umugore we, n'umukobwa muto, witwa Fritzinger, uturutse muri Ohio. Ese ni wowe Mwene Data-. . . *uwo* Mwene Data Fritzinger? Wicaye mu kanya gato ahongaho. . . Uwo ni Mwene Data na Mushiki wacu Fritzinger, bo muri Ohio, inshuti zanjye.

163 Kandi hanze y'ibyo, yicaye hariya inyuma, hari u. . . Ndabona ku ruhande ruri hano, hari umusaza w'imyaka mirongo icyenda n'ibiri, witwa William Dauch. We n'umugore we. Ni umuforomokazi. William Dauch, wo muri Ohio, inshuti yanjye bwite. Mu gihe kitari kirekire cyane, yari afite imyaka mirongo icyenda n'umwe, afite ikibazo cy'umutima, indwara y'umutima, umugore we yarampamagaye, ngo nze rimwe, yari agiye gupfa ako kanya. Kandi kuri. . .

164 Yambereye inshuti ikomeye cyane. Ubwo nari mu nzira ngiye kumureba, nari mfite impungenge. Narahagaze, maze rimwe mu maringi yanjye riva ku murongo, ryari ririmo gukata ipine ryanjye mo ibice, maze njya muri sitasiyo ya Texaco, banshiriramo umwuka, maze barasohoka, barayareba. Maze ndebye hejuru, mbona Mwene Data Dauch amanuka mu rusengero rwanjye, ankora mu kiganza. Ndavuga nti: "Uwiteka ahimbazwe." Narebye inyuma, maze mbona amanuka mu muhanda, ankora mu kiganza. Nagiye musanga.

165 Nabonye umuganga we, Umuyahudi ukiri muto, cyangwa umugabo uri mu kigero cy'imyaka yo hagati, Umuyahudi. Ndavuga nti: "Amerewe ate, muganga?"

166 Yaransubije ati: "Nta n'amahirwe yo kurwana yabonye." Yaravuze ati: "Ari munsi y'ihema ry'umwuka wa ogisijeni." Bati:

"Azapfira ahongaho." Aravuga ati: "Mwibuke, afite imyaka mirongo cyenda n'umwe."

Ndavuga nti: "Yego, mugenzi."

167 Yaravuze ati: "Ni ukunanirwa k'umutima rwose. Nta kintu na kimwe gishobora gukorwa." Yaravuze ati: "Igihe cyo kugemda kirageze."

168 Nanjye ndavuga nti: "Yego, mugenzi. Ariko, oya, ntabwo agiye. Ni ibyo gusa."

169 Narinjiye, nshyira ikiganza cyanjye munsi y'ihema. Ndavuga nti: "Muvandimwe Dauch, uranyumva?" Yarandebye. Mu by'ukuri, mu izina rye, ni Umudage, D-a-u-g-h, kandi mvuga Dauch gusa, murabona. Nuko nda—maze nshyira ikiganza cyanjye munsi y'ihema, maze ndavuga nti: "Uranyumva, Mwene Data Dauch?"

Aravuga ati: "Yego."

Ndavuga nti: "Ntabwo ugiye. Nabonye ko utagiye."

170 Icyumweru kimwe gikurikira icyo gihe, mpagaze mu rusengero rwanjye, baje banyura mu rusengero uretse Mwene Data Dauch! Navuye mu materaniro maze ngera hakurya y'uruzi, njya muri resitora, kurya. Maze nsohoka mu modoka yanjye, ngenda mu muhanda, dore Mwene Data Dauch araje arambuye ukuboko kwe. Ayo mayerekwa ntabura gusohora.

171 Kandi uriya mugabo ufite imyaka mirongo cyenda n'umwe, kandi ushushanya buri materaniro, yari muri Kaliforuniya. Wazamura ukuboko kwawe, Mwene Data Dauch? wicaye aho ngaho, kugira ngo abantu babone uko umusirikare nyawe ameze ubu. Hano, nicaye hano, murabona, mfite imyaka mirongo icyenda n'umwe, kandi nkurikira buri materaniro. Iyo ndi ku rusengero, atwara ibirometero amagana buri munsi, kugira ngo yumve ikibwiriza kigufi, maze asubireyo. Imana iti: "Hazabaho Umucyo mu gihe cyo ku mugoroba."

172 Ndavuga, umunsi ushize navuganaga na we, ndavuga nti: "Nagukorera iki, Mwene Data Dauch?"

173 "Icyifuzo kimwe gusa, Mwene Data Branham. Iyo Aje, nshaka kujyana na We."

174 Yaravuze ati: "Wihangayika. Ibyo biratunganye. Yego." Noneho, umugabo yinjiye, arabatizwa, yoo, arinjira maze yakira umubatizo w'Umwuka Wera n'ibindi byose, ndi umugaragu mwiza wa Kristo.

175 Noneho ngiye gusaba buri wese, mu cyubahiro cyinshi, ko mureba hano tugasenga.

176 None se ni abarimu bangahe hano bazi ko ari Umutambyi Mukuru, muri iki gihe, ushobora gukorwaho n'ibyiyumvo by'intege nke zacu? Ni byiza, niba uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ari ko Ari, kandi ari ko Azahora n'iteka ryose, Umutambyi

Mukuru umwe, We yakora ibintu bimwe. Gusa, We, umubiri We uri ku. . . ku Ntebe y'Imana. Ni bangahe babizi? ["Amina."] Umubiri wa Yesu uri ku Ntebe y'Imana. Ariko Akoresha umubiri wacu kugira ngo yigaragaze neza, nk'uko We yasezeranije kubikora. "Imirimo nkora namwe muzayikora."

Ndagira ngo mbasabe kwicara mucecetse, mutuze, mube maso, musenge.

177 Noneho, Data wo mu Ijuru, nagerageje kubaha nk'uko nzi kubikora, ku byerekeye ibyo. Noneho ijambo rivuye kuri Wowe ubu, Mwami, hanyuma Ijwi rito rituje rimanuka rinyuze muri aba bantu rivuge riti: "Ni Njyewe; mwitinya." Byemere, Data. Kandi ndakwiyeguriye, hamwe n'Ubutumwa bwabwirijwe muri iri joro, hamwe n'Ijambo Ryawe rigomba guhamirizwa. Ntabwo ari ngombwa kubikora. Ariko niba uzabikora, cyangwa uzasaba ko bikorwa, kuko ari byo wasezeranye. Ndagusenga ngo ubiduhe, mw'Izina rya Yesu. Amina.

178 Kandi buri wese mu cyubahiro gikwiye, yubahe cyane. Umerewe ute? Noneho nzaguha Ibyanditswe nk'uko tugenda. Niba Umwami abishaka, simbizi. Ariko ju-. . . Kandi nagiye mbwiriza gutyo, murabona, ubwo ni ubwoko bumwe bwo gusigwa. Ubu ni ubundi bwoko bwo gusigwa. Ibyo byari umugisha gusa. Iki, ikintu kimwe gusa, kigutwara ubuzima.

179 Noneho umudamu uhagaze hano. Ntabwo nigeze mubona mu buzima bwanjye. Ese twaba tutaziranye? Ndizera ko wavuze, mu gihe gishize, ko ntari nkuzi. Imana irakuzi. Iranzi. Ese uzi ko icyo duhagazeho hano ubu, tuzagisobanura ku Munsi w'Urubanza? [Mushiki wacu aravuga ati: "Amina."—Ubwanditsi.] Ibyo urabizi? Uzi ko ibyo dukora ubu, Imana izabitubaza hariya? Nabivuze mfite intego. Noneho, niba Umwami Yesu aza kumpishurira icyo ukora, ikibazo kiri mu bitekerezo byawe, cyangwa ikindi kintu nk'icyo, wabyizera? Ugomba kubyizera, si byo? ["Amina."]

180 Ese mwebwe muri hariya mwabyizera, mwebwe abadukurikiye?

181 Noneho duhagaze neza nka wa mugore ku iriba, hamwe n'Umwami wacu, umugabo n'umugore bahuye ubwambere. Murareba? Hano turi, duhuye bwa . . . Uwo ni Mutagatifu Yohani igice cya 4. Noneho niba Umwuka Wera aza kuvuga . . . Niba uri hano kubw'undi muntu, niba urwaye, niba ari ibibazo byo mu rugo, niba ari ibibazo by'ubukungu, ibyo ari byo byose, nta gitekerezo mfite. Ariko We aragifite. Ariko Ashobora kumenya ibitekerezo biri mu mutima wawe. Ni Ijambo. Njye sinabimenya. Ndi umuntu. Ufite indwara y'imitsi, kandi ni yo mpamvu nkora ibi, urabona.

182 Icyo ni kimwe mu bibazo byawe, ni indwara y'imitsi. Ni byo koko. Kandi unarwaye diyabete, icyo ni ikindi kintu kitagenda neza muri wowe. Ibyo ni byo. Ufite ibibazo, ibintu byinshi

bitagenda neza. Ni byo? Niba ari byo, zamura ikiganza cyawe. Murareba? Wizera ko Iza kugukiza? [Mushiki wacu aravuga ati: "Ndabyizera."—Ubwanditsi.] Urabyizera? Noneho, indwara y'imitsi yawe iterwa n'imyaka yawe, urabona, ariko noneho ibyo byose bigiye kukuvaho. Kandi ndizera ko kubwo kwizera tuzajya i Kaluvari, duterwe amaraso.

183 Noneho, ibyo ni byo rwose Yakoze. Yabwiye umugore bahuriye ku iriba icyo ikibazo cye icyo ari cyo. Abagabo be bari benshi cyane. Abawe ni bo bari . . . Ndatekereza ko ari uburwayi bw'imitsi kandi hari ibindi bintu bibiri cyangwa bitatu bitagenda neza kuri wowe. Ni byo, si ko bimeze? Ni cyo kintu kimwe.

184 Noneho, igihe Yazaga kuri Simoni, Yamubwiye uwo ari we. Wizera ko Imana ishobora kumbwira izina ryawe? Ese byatuma urushaho kwizera? Byabigutera? Madamu Strong . . . [Mushiki wacu aravuga ati: "Stout."—Ubwanditsi.] Stout, wakwizera? Genda wizere, nawe . . . Byose birarangiye. Amina.

185 Ngwino. Urizera? Ndi umuntu utazwi kuri wowe. Sinkuzi. Imana irakuzi. Wizera ko Ishobora kunyereka ikibazo cyawe? Niba kandi Ibikoze, noneho Uwiteka Imana iguhe umugisha. Ni byo? [Mushiki wacu aravuga ati: "Yego, ni ukuri."—Ubwanditsi.] Noneho ntu—ntugomba guhangayika, urabona, uwo ni—Uwo ni We, ni We wumva ibyo. Nta kibazo. Nawe kandi urwaye indwara y'imitsi, ihungabana ryo mu mutwe, kandi ucika intege buhoro buhoro. Kandi ufite ikibazo cyo kubabara mu ruhago, hari ikitagenda neza mu mwijima, kandi ufite amaraso make. Ni byo. Ufite ikintu . . .

186 Bikomeje kuba umuntu uhagaze hano. Wizera ko Imana ishobora kugukiza? [Mushiki wacu aravuga ati: "Yego, ndabyizera."—Ubwanditsi.] Ikize umugabo wawe, na we, itume amererwa neza? Utekereza ko ikibazo cy'igifu kigiye kurangira, maze akamererwa neza? Ni cyo arwaye. Genda umurambikeho ibiganza, ubimubwire, kandi kiraza kugenda—kiramuvaho.

187 Ntituziranye. Umwami Yesu aratuzi twembi, si byo se? Wizera ko Imana ishobora kugukiza? Niba Umwami Yesu aribumpishurire ikintu ko . . . ko uri . . . ko mu mutima wawe, wizera ko Iza kugukiza? Wagize ikibazo. Ufite i—i—ikibazo cy'agasabo k'inkari, ikintu kimwe. Ikindi noneho, byatumye mu ruhago rwawe hazamo uburwayi, ariko ibyo ni byo muganga wawe yavuze. Noneho, ikindi kintu, ni uko bashaka kukubaga kubera ibyo. Ni byo rwose. Ibyo si ukuri? Noneho wizera ko Ishobora kubikuraho? Utekereza ko kwizera kwawe kuri muri Yo? None se uzi ko atari njye ukora ibyo. Urabyizera? Ni byo. Genda, nk'uko ubyizeye, bizakugendekere bityo.

188 Ntabwo tuziranye, ndakeka. Uwiteka Imana iratuzi twembi. Wizera ko Ishobora kunyereka ibintu byagufasha? [Mushiki

wacu aravuga ati: "Yego, ndabizi."—Ubwanditsi.] Wowe, urizera ko Izabikora. ["Ni byo."] Ndavuga. . . "Ni byo", ni byiza cyane. Ni byiza cyane. Ubu ufite ibintu byinshi bikubangamiye, ingorane nyinshi n'ibindi bintu, nk'inkorora, kandi ntushobora kuyihanganira. Kandi urwaye imitsi bya nyabyo. Kandi—kandi ibyo, ni byo.

189 Hanyuma, ufite umutwaro ku mutima wawe, kandi uwo mutwaro ni uw'umuntu runaka, ari we mwana wawe. Kandi arimo kugira—ikibazo, ibibazo bimwe na bimwe byo mu rugo. We n'umugore we, bahora baterana amagambo kandi bagakomeza. . .?. . . Kandi uremerewe na byo. Ni byo. Noneho wizere n'umutima wawe wose, kandi byose bizarangira. Urizera nonaha. Uwiteka aguhe umugisha.

190 Umeze ute, mugenzi wanjye? Ntabwo nkuzi, kandi—kandi nawe ntabwo unzi. Kandi ni—ni mu ntangiriro. . . Iyerekwa ubu, ndaribona, risa n'aho inzu yose irimo gutangira gucya, nk'aho ari ikintu kizenguruka. Urabona? Ariko se wizera ko Umwami Yesu yashobora kumpishurira icyo uhagazeho? Urizera ko Yari kubishobora? Nanjye ndabyizera. Ndimo kuvugana nawe ubu, kugira ngo ninjire mu kirere cy'umwuka wawe, neza ni cyo mbikorera. Urabona, sinkuzi, bityo kigomba kuba ari ikintu kitari njye kibikora. Ngomba kwitandukanya nanjye ubwanjye rwose, ku buryo aba ari We ubwe ubikora. Urabyumva?

191 Noneho, ikintu kimwe, ufite ikibazo cy'ibintu bigutera ububabare bw'imitsi ijya ku bwonko, kandi iyi ndwara y'imitsi imaze igihe runaka. Ni byo koko. Kandi iyo ndwara y'imitsi yatumye ugira umuvuduko ukabije w'amaraso, nawo. Kandi wagize ikibazo cyo gucika udutsi two ku bwonko. Ni byo. Tubwire, wigeze kuba umubwiriza, cyangwa uri umubwiriza. Noneho uri umuvugabutumwa; nabonye uhagaze ku gicaniro. Noneho, gira ukwizera mu Mana, iyo ndwara y'imitsi izakuvaho. Abakozi bose barayifite. Uraza kugira ubuzima bwiza. Subira ku gicaniro cyawe, kandi umvira Imana kandi ukomeze iryo Jambo, Yesu Kristo.

192 Wizera ko ibibazo byawe by'umugongo bigiye kukuvaho, wicaye ku ntebe? Urabyizera? [Mushiki wacu aravuga ati: "Yego."—Ubwanditsi.] Ni byo, mugenzi, noneho komeza gusa, maze uvuge uti: "Urakoze, Mwami."

193 Ngwino, madamu. Urumva umerewe ute? Urizera ko ndi umugaragu Wayo? [Mushiki wacu aravuga ati: "Ni byo rwose."—Ubwanditsi.] Ni byo. Wizera ko ibibazo by'abadamu, ibibazo by'abagore, bigiye kukuvaho? ["Amina."] Urabyizera? Noneho komeza, maze uvuge uti: "Urakoze, Mwami."

194 Indwara z'impyiko, hari ikibazo cy'umugongo, mu mugongo wawe. Wizera ko Imana iza kugukiza kandi ukamererwa neza, uhereye kuri byo? Wizera ko Iza kugukiza? Byose ni byo, fata inzira yawe.

195 Ngwino, madamu. Ndi umunyamahanga kuri wowe. Ntacyo nigeze nkubwira, habe na gato, wakwizera ko Ukugaragara kw'Imana kuri hano gukiza abarwayi? [Mushiki wacu aravuga ati: "Ni byo rwose, ndabyizera."—Ubwanditsi.] Wabikora? Nibyiiza niba ubikoze, ikibazo cyawe cyo mu nda . . . Namaze kukikubwira, murabyumva. Cya—cyagiye. Nabikubwiye, urabyumva.

196 Umeze ute, mugenzi? Imana itura mu mutima. Kandi umutima wawe umaze iminsi ugaragara hano, ari mubi. Wizera ko Izabikora neza? Komeza inzira yawe kandi ubyizere. Imana iguhe umugisha. Urizeye; Izabikora neza.

197 Urwaye imitsi, bigutera ikibazo cyo mu gifu, igisebe cy'igifu. Bikubangamira nyuma yo kurya. Urizera ko byose byarangiye ubu? Genda ufate icyo kurya.

198 Bisa n'ibikugora cyane kubyuka, umugongo warakubangamiye cyane. [Umurwayi aravuga ati: "Yego, mugenzi."—Ubwanditsi.] Ntuzongera kukubabaza, niba ubyizera. Uzabikora? ["Yego, mugenzi."] Ni byo, genda, Umwami Yesu aragukijije neza.

199 Ni iki kiguhangayikishije cyane? Gusa komeza, uvuge uti: "Ntabwo nzongera guhangayika ukundi," kandi ntuzongera guhangayika. Genda, wizere. Ni byo, mugenzi.

200 Ngwino, madamu. Noneho, umugore w'Umunyetiyopiya, n'umugabo w'umuzungu, neza nk'uko ikintu nk'icyo twahuye nacyo muri icyo gihe, Yesu. Bari bafite ivangura nk'uko byari bimeze mu Majyepfo, ariko twe ntaryo tugifite. Yesu yabamenyesheje ko abantu bose ari ubwoko bw'Imana. Nta tandukaniro ryari rihari, urabona, niba ari Umuyahudi cyangwa Umusamariya.

201 Noneho, niba Imana itagufashije, vuba aha iyo ndwara y'amagufa izakumugaza. Ariko se wizera ko Izagufasha, Ikagukiza? Nk'uko umugore yabigenje, komeza urugendo rwawe ubwire abantu bawe ibintu bikomeye Imana yagukoreye. Ni byiza.

Ubu, hari umuganga ubaga w'inzobere witeguye gukeba gukoresha icyuma.

202 Akanya gato. Ntabwo ari uyu mugore. Noneho, akanya gato, mwese mu cyubahiro mumuhimbaze nonaha. Ni—ni Satani, wagerageje gukora ikintu. Dore hano kirahari. Ikibyimba, ikibyimba, buri wese muri mwe. Ni byo. Mufite ikibyimba, afite ikibyimba, kandi iyo dayimoni irataka isaba ubufasha buturutse kuri umwe no ku uwundi. Ariko Umwuka Wera urataka cyane, na wo. Ni inde ugiye kwizera, We? Ni byo. Haguruka uve muri iyo ngobyi, madamu. Va muri iyo ngobyi. Yivemo, maze wizere. Genda, umwizere nonaha. Amina.

203 Urizera? Byose birashoboka. Urizera? Bite kuri mwe mudukurikiye?

204 Reka duhaguruke nonaha. Ni cyo gihe cyo kubikora. Reka umuntu wese. . .Imana ibahe umugisha. Reka umuntu wese ahagarare ku birenge bye nonaha. Muhereze Imana amashimwe. Muzamure ibiganza byanyu.

205 Urakoze, Mwami Yesu! Turagushima ku bw'ubuhanga Bwawe, no gukiza abarwayi Kwawe.

64-0307 Ubuhamya Mu Nyanja
Ingoro yitwa Soul's Harbor
Dalasi, Tegizasi Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org